KANGURA

N°4 100 FR

KA02 1115

URUPFU RWA NYAKWIGENDERA NIYITEGEKA BERNARD WARI SUPEREFE WA NGORORERO RWATEYE BENSHI KWIBAZA.

MUSEVENI N'INKOTANYI !
BIRABE IBYUYA BYA « KENYA TIMES ».

HANGIMANA NA MUTSINZI AHO BO NI SHYASHYA ?

BIMENSUEL INDEPENDANT
RÉDACTION GISENYI INFO. B.P...18
GISENYI

EDITORIAL

KA02 1116

PEREFE WA PEREFEGITURA YA GISENYI AVUGWAHO BYINSHI MURI IKI GIHE.

KA021116



Umuyobozi wa KANGURA

KANGURA *y'ubushize ikimara gusohoka havuzwe amagambo menshi cyane, ku buryo njye bisa nk'aho byantunguye. Bwari bubaye ubwa mbere kuva natangira aka kazi katoroshye ko kugaragaza ukuri nkoresheje ikaramu, abanyabwenge bavuka mu karere kamwe bansaba ko twabonana bakantekerereza icyo batekereza ku mitegekere ya Perefegitura ya Gisenyi.*

Muti ese babitekerezaho iki?

Muribuka ko Kangura N° 4 *yagaragaje ukuntu Perefe wa Gisenyi akwiye gushimirwa kubera ko agaragaza ubutwari n'umurava mu gukosora ibibangamiye abaturage ashinzwe. Amajyambere yagejeje ku banyagisenyi nayo aragaragara. Abanyabwenge barimo abaporofeseri (professeurs), abadiregiteri, abasirikare bakuru n'abaganga - ari abakorera ku Gisenyi n'ahandi - baratubwiye bati ntitwumva ukuntu mwihandagaje mugashima umutegetsi kandi mutagaragaza neza ibikorwa akwiye gushimirwa. Ngo kuki tutabanje kubaza abo banyabwenge, cyangwa se ngo dutangaze ibyagaragajwe na «* ***sondage*** *». Ngo mbese kuki tutabajije Perefe icyo atekereza ku rupfu rwa superefe wa Ngororero wafashwe hagakorwa amanama menshi yo gusobanura impamvu yafashwe, agashyirwa muri gereza ya Gisenyi, Radiyo Rwanda ikabibwira Abanyarwanda twese, nyamara yapfa bakabigira ibanga.*

Superefe Niyitegeka Bernard yitabye Imana bibabaza benshi. Yafashwe azira ko muri Ngororero yayoboraga abaturage bibanye amaka n'amahene, ndetse ngo bashatse no gusubiranamo ntiyashobora kubihagarika. Akimara gufungwa impuha mutayobewe zavugaga ko ngo kubera ayo marorerwa yabereye aho yategekaga, ngo na Perefe bari bagiye kumufunga. Impuha zanavugaga ko Perefe ari we wamuhagaritse agahagarika na wa burugumesitiri bafungiwe rimwe, ariko mwese mwiyumviye Radiyo ko bahagaritswe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.

Superefe akimara gufungwa yafashwe n'indwara y'uruheri, nyamara twabonanye na ba dogiteri bamwitagaho batubwira ko bamupimaga bagasanga ari « ***négatif*** *»; ngo nta zindi ndwara afite.*

Ibyo ari byo byose yakomeje kuremba bituma ahabwa « ***liberté provisoire*** *» kugira ngo avurwe. Ibyo byateye abantu kwibaza byinshi. Bamwe baribazaga bati «ese izo mpuhwe zo kumufungura babona ageze mu minsi ya nyuma y'ubuzima bwe zo ni mpuhwe ki?».*

Superefe yaje kujyanwa mu Ruhengeri ari naho yaguye. Mu ishyingurwa rye Perefe yari ahari, ariko nanone abantu bibajije impamvu yajyanye n'umujandarume wo kumurinda.

Ikindi kivugwa ngo ni uko Perefe wa Gisenyi yari inshuti ya Kajeguhakwa, dore ko mbere y'uko ahunga yashimaga Perefe kuko yamusuraga igihe yari yugarijwe n'abasirikare. Aha si Perefe gusa uvugwa, n'abapadiri bo kuri paruwasi ya Gisenyi bahoraga basabira misa Kajeguhakwa ngo Imana imurinde we n'abe bose, Perefe nawe ntabumvishe ko Leta itarenganyaga uwo mugabo. Ese ubwo izo misa zararangiraga, abakirisitu bagataha barenganya nde?

Nanone, ukuntu ku Gisenyi intwaro zagaragaraga, mu gikari cy'uwo mugabo, ndetse n'abana be bakagera aho babwira Ingabo zacu ko imbunda zasigiwe n'ababiligi ntacyo zimaze, ngo izabo ziruta izacu, yewe na Kajeguhakwa ubwe akivugira ngo «niba ari imbunda turazifite, abasirikare bacu baritoje, muzaze tuzabonana». Abantu bamwe rero ngo ntibasobanukirwe impamvu Perefe atatanze itegeko ngo abasirikare bacu binjire kwa Kajeguhakwa bamusake rugikubita.

Maze rero ubwo abaturage bafite byinshi batekereza ku mitegekere ya perefegitura yabo, kandi na Perezida wa Repubulika akaba ashyigikiye kutaniganwa ijambo, akemera ko buri munyarwanda afite uburenganzira bwo kugira icyo avuga ku butegetsi buriho, ariko ikivuzwe kikaba cyubaka kidasenya. Abo banyabwenge bo muri Gisenyi bagomba kutugezaho amakosa yakoze koko tuyatangariza abasomyi ba KANGURA, *n'inzego zibishinzwe zikaba zagira icyo zibivugaho.*

Kubera ko ibyo bisobanuro tutarabibona, duhisemo kubagezaho amagambo yavuze mbere yo kwitaba Imana, asobanura ko ibyabaye mu Ngororero atari we wabiteye. Naho ibyerekeye ibihuha nta munyarwanda uyobewe ko bibaho. Yewe na Ngeze hari abavuga ko ngo yaba yarongeye gufungwa, kandi ubwo yari yibereye i Gisenyi acungira hafi ya nama ibera i Goma.

Izindi mpuha zivuga ko hari agatsiko k'abantu ngo biyemeje kuvana Ngeze Hassan kuri iyi si. Niba gahari arabona nta handi yagahungira.

Icyo KANGURA *isaba Abanyarwanda bakunda ukuri no kubaho mu mahoro, ni uko babikurikiranira hafi babona yongeye guhohoterwa nk'ubushize bakagira icyo babivugaho.*

Murakoze ni ah'ubutaha.

Ngeze HASSAN.

KA02 1117

KA021117

URUPFU RWA NYAKWIGENDERA NIYITEGEKA BERNARD WARI SUPEREFE WA NGORORERO RWATEYE BENSHI KWIBAZA.

Ni mu gihe koko. Iyo usomye inyandiko zose yohereereje Prokireri generali, Perefe wa Perefegitura ya Gisenyi n'umucungamari muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini wasanga asa n'uwazize urw'akarengane.

Rugikubita yandikiye Perefe Telegaramu amumenyesha uko byifashe anamusaba inkunga ngo amuhe lisansi. Ariko amaso yaheze mu kirere.

Urupfu rwa NIYITEGEKA Bernard ruranga rugatera abantu urujijo, tugitegura iyi nimero, hari inkuru yatugezeho ivuga ko isanduku bamuhambyemo yaguzwe mbere yuko uwo nyakwigendera yitaba imana. Kandi igurwa mu mafaranga ya Leta. Aba bikurikiranira hafi, banavuga ko na Ambulance yo gutwara umurambo yaba yarateguwe mbere.

MWISOMERE MUSHISHOZE.

Gisenyi, kuwa 1/11/1990.

Kuri bwana Prokireri général mu
Rukiko Rusesa Imanza
i Kigali

Bwana Prokireri général,

Nk'uko mwabintegetse ku wa 22/10/1990 ubwo mwari ku Gisenyi munsaba kongera kubabwira icyo nakoze kugira ngo amahane yabaye muri superefegitura Ngororero ahoshe, nejejwe no kubagezaho ibibi kurikira:

1) Ku itariki ya 5/10/1990 inama y'umutekano yagombaga kuba yakoreshejwe ku Gisenyi yarapfuye. Ba burugumesitiri bahabwa itegeko ryo gukoresha inama abakonseye kugira ngo bongere bibutswe ko bagomba kwita ku kibazo cy'umutekano. Nagenzuye rero niba izo noma zakozwe nsanga zakozwe ndetse n'aho nanyuze ngenzura amarondo yarakorwaga. Mu Ngororero nagiye nyikora nari kumwe na Substitut. Uwo munsi kandi nanyuze mu mashuri y'i Muramba ngo ndebe uko hifashe. Aha nkibutsa ariko ko essence nagombaga gufata ku Gisenyi ntashoboye kuyibona ubwo nkaba buri gihe narashakishaga essence. Préfet yarambwiraga ngo ni nirwaneho.

2) Ku itariki ya 6/10/1990 mfatanyije na Komisiyo ishinzwe umutekano twatangiye gusaka abakekwa kuba bafite imbunda cyangwa bacumbikiye inyangarwanda. Nahereye muri Kibirira.

3) Ku itariki ya 7/10/1990 isaka ryabaye muri Centre ya Ngororero (Satinski) Gatega (Satinski). Ako nako kari akazi twaridushinzwe.

4) Ku itariki ya 8/10/1990 hatangiye kubaza abafashwe kugeza ku itariki ya 10/10/1990 ari nawo munsi Chauffeur wa S/Prefegitura yemerewe gushaka essence ku Gisenyi.

5) Ku itariki ya 8/10/1990 niho kandi agace k'abantu baturutse i Ramba baje kurya inka z'abantu bo muri Satinski. Maze kubimenya nategetse Burugumesitiri wa Komini Ramba guhagarika ibyo bintu. Igitangaza ni uko ku itariki ya 9/10/1990 ka gatsiko karagarutse gatwara inka ahubwo inzu zimwe barazisambura. Ibintu rero byari, bigeza aho bikabya. Nategetse ba burugumesitiri bombi guhosha ibyo bintu. Abo bantu kandi barafashwe.

Mu gihe nakomezaga Interrogatoires, nyuma ya saa sita ku itariki ya 10/10/1990 ndikumwe na Komisiyo ishinzwe umutekano twagiye gusaka muri Paruwasi ya Muhororo.

6) Mu ijoro ryo ku itariki ya 10/10/1990. Abagizi ba nabi bishe abantu babiri babajijije inka zabo. Jye na Substitut na Burugumesitiri wa Komini Satinski twazindutse dushakisha impamvu y'urwo rupfu ariko wabonaga ko bishwe n'abari baje kwiba inka. Ubwo hari kuri 11/10/1990. Hagati aho abakonseye bamwe bo muri Satinski baje gutabaza ko icyorezo cyo kurya inka cyakomeje.

Nshingiye rero ku byo nari maze iminsi mbona mu karere n'ubugome buhaba nasanze ari ngombwa kohereereza Perefe wa Perefegitura Telegaramu yasabaga ko batwohereereza abajandarume baza kudutera inkunga (reba fotokopi iri inyuma).

7) Perefe wa Perefegitura amaze kubona iyo telegaramu amenyesha ko kuri 12/10/1990 azaza gukoresha inama. Inama yatangiye saa tatu ariko mu gihe twari muri iyo nama icyuka cyo gutwika amazu cyari cyatangiye ku buryo byari bimeze nka Muyaga. Icyakora abajandarume bake Prefe yari yazanye bashoboye guhagarika bamwe, Prefe ategeka ko bose bahita bajyanwa ku Gisenyi.

Nyuma y'inama Prefe ubwe yatelefonnye Commandant de place wa Gisenyi ngo ategure abajandarume baza gutabara, amenyesha muri Prezidansi uko byari byifashe. Arangije yagiye kubonana n'impunzi azi menyesha ko agiye kuzohereereza abasirikari kandi antegeka kubabarura nkabacumbikira. Ibyo byagejeje saa moya z'ijoro.

8) Ngeze iwanjye Prefe yamenyesheje ko kuwa 13/10/1990 naho nari mfite inama n'abantu bayobowe na Segerali muri Mininter. Byanteye kumutegereza sinatarabuka kuko n'abo bajandarume nari mbategereje. Icyakora uko ibintu byari byifashe nabimenyesheje muri Perezidansi ya Repubulika, kuko muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga nabo bari bamaze kubaza niba koko hari abantu bahungiye kuri Paruwasi ya Muhororo. Nihutiye rero kongera guterelefona ku Gisenyi kugira ngo abajandarume babanguke.

Kubera rero inama yagombaga kuba ku wa 13/10/1990 ubwo ba Burugumesitiri bongeye kuva mu makomini yabo basiga ba konseye barwana n'ibitero. Inama irangiye, maze no kwereka abajandarume aho bashyira n'ibintu byabo kimwe n'imodoka bagombaga gukoresha, twagiye aho ibintu byari bikomeye cyane ariho muri Komini Kibirira.

Mu nzira icya mbere nakoze, impunzi nabonaga nazigezaga kuri Komini. Abajandarume icyakora bageze muri segiteri zimwe ibibazo byageze iwandabaga ari ukurwana ku buzima bw'abantu. Maze kubona ko impunzi zari ku muhanda ziraza kugera kuri Komini, nagiye inama na Lt. jandarume wari waje kudufasha avo mahame dukurikije aho batubwiraga ibintu bikaze, nsubira mu Ngororero mu ma saa yine y'ijoro kugira ngo mbwire abafite indi modoka yari yafashwe kubera ako kazi kutuzanira essence kandi igasubira i Nyamisa gufata abandi bagizi ba nabi.

KA02 1118

Ntashye na menyesheje Perefe ko ibintu bikimeze nabi yiyemeza kugaruruka kuri 14/10/1990.

9) Ubwo uko nazaga i Kibirira kuri 14/10/1990 nakomezaga guhura n'impunzi ariko n'abagizi ba nabi bagiye bafatwa nkabageza kuri Komini. Nabanje kujya muri segiteri Kirango aho nakijije udukobwa tubiri tw'utwana ibihararumbo bishaka kutwica, nkomeza iya segiteri Rubona nsanga nta gihari. Ubwo Perefe wa Perefegitura nawe wari wamanutse ku Cyome yasanze baroha abantu muri Nyabarongo kugira ngo abakize ategeka abajandarume kurasa.

Saa sita twese twahuriye kuri Komini Kibirira ngo turebe icyakorwa muri segiteri zari zikimerewe nabi. Ibyo byatumye njya muri segiteri Ngurugunzu nkorana ni kipi y'abajandarume nari nsanzeyo twzana abantu barenga mirongo ine bari bamaze kwica abantu kuri ayo manywa. Icyakora bagejejwe kuri Komini na Burigadiye wa Komini naho njye nkomezanya n'abajandarume gushaka ibitero no gukiza abari bahungiye mu dushyamba.

Navuye muri segiteri Ngurugunzu saa kumi n'ebyiri n'igice ntahana abahunze abandi mbaha abaserire ngo babazane. Kandi bahise bansanga kuri Komini. Icyakora natashye saa sita n'igice z'ijoro ndikumwe n'ikipe imwe y'abajandarume yari igiye gusimburana n'indi bambwirako mu gace ka Gatumba hari hakiri inkozi z'ibibi zashakaga abo ziroha mu ruzi. Icyakora hari indi kipi y'abajandarume. Ngeze mu rugo iwanjye nasanze Lt. wari ushinzwe ikipi y'abajandarume yaramaze gusaba ko babongera. Murumva namwe uko ibintu byari byifashe.

10) Ku itariki ya 15/10/1990 niho habereye inama y'umutekano kuri Komini Kibirira dusobanura uko ibintu byagenze, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini avuga ko atabyumva. Nyamara twari tumaze ku mwemerera ko kugeza ku wa 18/10/1990 dufatanije n'abajandarume ibintu bizaba byahosheje.

Muramboza rero icyo nakoze ngo amahane ahoshe:

1) Nafatanyije na barugumesitiri kurwanya ubujura bwo kwigabiza inka, kandi abenshi barafashwe uretse ko nababajwe n'uko harimo n'ibyitso by'abaserire.

2) Mbonye ko ibintu bishobora kurenga ingufu z'abaturage nahise ntabaza Perefe wari ufite uko yabona Ingabo z'Igihugu (Abajandarume) uretse ko bataziye igihe.

Abagabo natanga bashobora kwemeza ko ntahwemye kwita ku mutekano ni substitut na Prokireri mu Ngororero. Lt. wari waje ayoboye abo bajandarume yewe n'ushinzwe iperereza. Ubanza ari naho nongereye umwijima ndwaye ubu.
Dossiers zo gusaka ababa bafite imbunda kandi nacyo cyarihutirwaga, si nari kunanirwa kugikurikirana.

Ku byerekeye rero ko niturumiye nkareka abantu bakicana, ngatuma imidugararo yiyongera si nkemera kuko mba nteratabaje abategetsi banyobora. Kandi amanama menshi ashinzwe umutekano mu rwego rwa Perefegitura kubera ubugome bwo mu Kingogo ahora asaba ko hashyirwa umutwe wa jandarumeri. Iyo uwo mutwe uza kuhaba ibintu ntibiba byarageze iyo byageze.

Ikindi kandi uretse ikibazo cyo kubura essence nari mfite mu minsi ya mbere, nta muntu nigeze mbwira ngo ajye kwiba inka cyangwa se ngo ajye gutwika inzu ya mugenzi we.

Nakomeje rero gukorana na ba burugumesitiri na Jandarumeri byose mbiyobowemo na Perefe nagezagaho raporo buri mugoroba.

Ngibyo ibyo nakoze ndengera umutekano kandi n'inama zishinzwe umutekano nazo narazikoreshaga, iya nyuma nari nakoresheje ikaba yari kuri 26/09/1990.

Kugeza ubu kandi kuko ntakurikiye anketi sindamenya neza niba hari agatsiko kayoboraga abandi.

Mbeshimiye umutima mwiza muzabyakirana.

NIYITEGEKA Bernard.

N.B. Mubyeyi, mubonye kandi muri ibi hari ikindi kituzuye mwambwira.

REPUBLIQUE RWANDAISE

Ministère de l'Intérieur et du Développement Communal
Secrétariat Général
Division Information et Documentation
SERVICE DE TRANSMISSIONS

FORMULE DE MESSAGE

Nº d'enregistrement ....
Pour le Centre de Transmission seulement
mode de transmission
............RT............

Urgence (Action)	Urgence (Info)	Groupe Date — Heure	Instruction pour le message
DE : S/PREFET NGORORERO			Nombre de groupes :
Pour : PREFET GISENYI			Sécurité :
Info :			Nº de l'expéditeur : 90/159

TEXTE Nº [illegible]/04.12 RAP [illegible] 1.4/04.1[illegible] DU [illegible]/09/[illegible] RELATIF INSUFFISANCE CARBURANT (.) HONNEUR VOUS DEMANDER [illegible] POSSIBILITE AU MOINS M'ACCORDER QUARANTE LITRES POUR [illegible] ALLER-RETOUR A GISENYI (.) HAUTE CONSIDERATION FULLSTOP

REPUBLIQUE RWANDAISE

Ministère de l'Intérieur et du Développement Communal
Secrétariat Général
Division Information et Documentation
SERVICE DE TRANSMISSIONS

FORMULE DE MESSAGE

Nº d'enregistrement ....
Pour le Centre de Transmission seulement
mode de transmission
............RT............

Urgence (Action)	Urgence (Info)	Groupe Date — Heure	Instruction pour le message
DE : S/PREFET NGORORERO			Nombre de groupes :
Pour : GESTION DES CREDITS [illegible] KIGALI			Sécurité :
Info : MININTER[illegible] KIGALI-PREFET [illegible]			Nº de l'expéditeur : 90/160

TEXTE Nº 134/04.14 HONNEUR SIGNALER GRAVES DIFFICULTES COMMUNICATION CAR AUCUNE GOUTTE D'ESSENCE POUR CHARGER BATTERIES DE STR NGORORERO (.) PRIERE ENVOYER PAR PREMIERE [illegible] AU MOINS DES BONS EQUIVALENT A QUARANTE LITRES D'ESSENCE [illegible] FULLSTOP

Nom du Rédacteur

Pour Opérateur seulement | IN | OUT

Signature de l'Officier délégué
Gratien [illegible]
NIYITEGEKA [illegible]

République Rwandaise

EPUBLIQUE RWANDAISE

inistère de l'Intérieur et
Développement Communal
ecrétariat Général
ervice Information et
ommunication
ERVICE DE TRANSMISSIONS

FORMULE DE MESSAGE

N° d'enregistrement .....
Pour le Centre de Transmission seulement
mode de transmission
RT .....

Imprimerie ???

Urgence (Action)	Urgence (Info)	Groupe Date – Heure 1108162	Instruction pour le message
DE : S/PREFET NGORORERO			Nombre de groupes :
Pour : PREFET GISENYI			Sécurité :
Info : COMDT DE PLACE			N° de l'expéditeur : 90/163

NOTE N° 137/04.09.01/13 REGRET VOUS ANNONCER ENREGISTREMENT CONTINU DE MOUVEMENT DE VOL DE VACHES EN COMMUNE SATINSYI PAR DE ELEMENTS VENUS SECTEUR KIMANU DE LA COMMUNE RAMBA(.)CRAIGNANT LE PIRE COMA CERTAINS FAMILLES AVOIR QUITTE LES MAISONS D'OU LES ASSAILLANTS ONT ENLEVE PORTES ET FENETRES.(.)PLUS GRAVE ALORS COMA REGRET VOUS INFORMER ASSASINAT DEUX TUTSI CETTE NUIT DU 10 /10/1990 EN SECTEUR NGORORERO CELLULE RUSUSA(.)NOMS DES INTERESSE ETRE RWANGALINDE BERCHMAS ET MUNYANZESA(.) AVOIR ENTAME ENQUETE POUR CONNAITRE LES AUTEURS ET LES MOBILES(.)CRAINTE D'UN MOUVEMENT GENERALISE CAR VOL VACHES AVOIR GAGNE DEJA LES SECTEURS RUHUNGA COMA NGORORERO ET MURAMBI ET PENSE QU'IL FAUDRA NOUS ENVOYER UNE AUTRE FORCE DE FRAPPE FULLSTOP

Nom du Rédacteur

Opérateur seulement											
IN	11	09	RT	NSB	OUT	10	55	RT	NSB		Signature de l'Officier délégué Grade : S/PREFET NIYITAGEKA. BERNARD

Urupfu rwa Superefe NIYITEGEKA Bernard ruracyavugwaho impuha n'ibinyoma byinshi.

Iyi nyandiko ntigamije kubabwira icyaba cyarishe uwo wahoze ayobora Superefegitura ya NGORORERO kuko muganga wamuvuraga Dr GATORANO Jean-Baptiste ari nawe muyobozi w'ibitaro bya Gisenyi (twabonanye nyuma y'uko Minisitiri w'ubutabera agira icyo atangaza ku rupfu rwa Nyakwigendera) yampishuriye ko amategeko agenga umwuga wabo (Déontologie médicale) abuza abaganga kumena ibanga, ngo keretse iyo babisabwe n'ababifitiye uburenganzira bahabwa n'amategeko kandi nabwo muganga asanze ari ngombwa.

Umugambi mfite ni uwo kubabwira icyo natahuye cy'imvaho ku burwayi bw'uwo nyakwigendera. Doro ko havugwaho byinshi ndetse na bamwe mu bategetsi babishinzwe bakaba batavuga iby'ukuri.
Nk'uko nabitangarijwe na muganga mukuru w'ibitaro bya Gisenyi, ari nawe wavuraga nyakwigendera Niyitegeka Bernard, ngo ibyavuzwe na Minisitiri w'ubutabera mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru cyahise tariki ya 29 Ugushyingo 1990 saa mbiri n'igice za nimugoroba byaba atari ukuri. Minisitiri yasobanuye ko muri raporo (rapport) yakorewe n'umuyobozi mukuru muri minisiteri ayobora (yari yatumye gupererezа ku Gisenyi), uwo muyobozi avuga ko yabonanye n'umuganga wavuraga Niyitegeka ndetse n'umuyobozi mukuru w'ibitaro bya Gisenyi ngo bakavugana iby'uburwayi bwe. Ndetse agahita yemeza ko atari inkoni zishe nyakwigendera Dr Gatorano yanyibwiriye ko atigeze abonana n'uwo muyobozi mukuru wo muri minisiteri y'ubucamanza yagize ati *« Mpakanye rwose ko ntawigeze ambaza iby'urupfu rwa Niyitegeka, usibye wowe tubivuganyeho ubu ngubu. Uwo muyobozi mukuru wo muri MINIJUST ntiwigeze tubonana, yewe nta n'ubwo muzi. Ahubwo naniye ibyavuzwe muri kiriya kiganiro byarantangaje binatuma nibaza aho byinshi... »* Kubona se umuntu hamutiza amagambo atavuze, aho koko si ibinyoma. None se ko muganga Gatorano ahakana ko atigeze avugana n'iyo ntumwa, aho iyo raporo yahawe minisitiri si impimbano. Aho si za « missions » zikorerwa raporo zitarakorwa? BYABA BIBABAJE!!

Dogiteri Gatorano yakomeje ambwira ko nyakwigendera yafashwe ari muri gereza ya Gisenyi akaza gufata icyemezo cyo gusaba porokireri wa Repubulika ku Gisenyi uburenganzira bwo kumujyana mu bitaro kugira ngo arusheho kumukurikirana.
Ibyo byabaye tariki ya 29 Ukwakira 1990. Kuko ngo hari hashize icyumweru kirenga bamuvurira muri gereza atoroherwa. Dore ko nk'uko Diregiteri w'ibitaro yabimbwiye ngo yohereza abavuzi buri munsi muri gereza kureba niba hari abagororwa baba bafite ibibazo by'uburwayi ndetse nawe ubwe yigirayo nibura inshuro eshatu buri cyumweru. Ubwo yakomeje kuvurirwa hano mu bitaro bya Gisenyi kugeza tariki ya 2 Ugushyingo 1990 ari ho yajyanywe mu Ruhengeri.

Nabajije Muganga Gatorano impamvu yaba yaratumye yohereza nyakwigendera mu bindi bitaro, namubaza niba uburwayi bwe atarabonaga ko bukomeye ku buryo bwamuviramo gupfa! Yansobanuriye ko mu by'ukuri Superefe Niyitegeka yavuye i Gisenyi atarembye cyane ariko ko yafashe icyemezo cyo kumwohereza mu bitaro bya Ruhengeri abisabwe n'Umuyobozi wa Perefegitura ya Gisenyi. Ndetse ngo ku bwa Perefe yifuzaga ko Niyitegeka yahita ajyanwa i Butare. Icyatumye atamujyana i Butare ari uko ngo nyakwigendera yabyangiriye avuga ko ari kure kandi ko ntawe azi asangayo, yewe ko n'umuryango we utazamusura ngo unamugemurire.

Muganga ati *« nabonaga ibitaro byo mu Ruhengeri bishoboye kuko ari bimwe mu bifite ubuhanga buhanitse dufite hano mu Rwanda (Butare na Kigali) kandi ko iyo bibaye ngombwa bashobora kohereza umurwayi kwivuriza mu mahanga bitaruhanije. Niyitegeka ntabwo yari arembye cyane ubwo yavaga hano i Gisenyi ndetse namujyanye yicaye mu modoka, kandi tuganira cyane nawe yibaza impamvu tumushushubikanye nk'uko yabimbazaga aseka... Ndetse yanansabaga ko ubwo abonye impapuro zimufungura ahubwo namujyana bakamurwariza mu rugo. Ati unyandikiye imiti nayifata neza; n'umugore wanjye ni umuforomokazi yabimfashamo... ».*

Ngibyo ibyo twashoboye kumenya ku burwayi bwa Nyakwigendera NIYITEGEKA Bernard. Biragaragaza rero ko kuvuga ngo yaba yarishwe na kiriya cyangwa se n'iki, cyangwa se kubihakana ari ibinyoma rwose, kuko nk'uko nashoboye gusobanuza muganga wamuvuraga ntacyo yigeze atangaza. Yewe ngo n'abo mu Ruhengeri yaba yarabacitse amarabira, batazi neza icyaba cyarishe Niyitegeka.
Ababizi bansobanuriye ko mu bintu nka biriya hari hakwiye gukorwa icyo bita « autopsie » bakamenya neza icyishe uwo muntu. Ibyo rero, nta byakozwe kandi nyamara bariya bayobozi bakuru bo mu bucamanza bazi ko icyo kintu ari ngombwa ku muntu nkuriya upfuye yari atarakatirwa kandi n'ibyo ashinjwa bikaba bitaragaragara neza.

Iyo umuntu ananiwe akazi cyangwa akagakora nabi, bamusimbuza ubishoboye... Ubu nandika ibi, maze kumenya ko Burugumesitiri NTEZIRYAYO Jean Baptiste wahoze ayobora Komini Kibilira, wari wafunganywe na nyakwigendera Niyitegeka Bernard yarekuwe.
Umenya ngo nta bimenyetso simusiga bimuhamya icyaha..
Ese aho si ubwoba abategetsi bategetse ifungwa ryabo bagize?
Twizere ko ukuri kuzagaragara. Nyakwigendera nawe bagasuzuma neza ibye kuko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mategeko, kandi rero ngo yapfuye yararangije kwiregura. Tubitege amaso.

La Rédaction.

KA02 1120

MUSEVENI N'INKOTANYI. BIRABE IBYUYA BYA « KENYA TIMES ».

Ntabwo bihagije kubwira Abanyarwanda ngo ibinyamakuru byo mu mahanga birimo gukwirakwiza ibihuha ku Rwanda rwacu. Abanyarwanda bose bakeneye no kumenya ibyo bihuha ibyo ari byo. Dore nk'ikinyamakuru « Kenya Times » cyo muri Kenya nyine cyasesenguye inkomoko z'ibitero by'Inkotanyi ndetse n'impamvu z'itsindwa ryazo. Ngo Perezida Yoweri MUSEVENI yaba yari abifitemo uruhare rukomeye.

Muri « Kenya Times » yo kuwa kane, tariki ya 8 Ugushyingo 1990 bavuze ko Abagande nyabo bavuga ko Yoweri MUSEVENI ari umunyamahanga mu gihugu cyabo. Bamwe bamwita ngo ni Nyarwanda, abandi ngo ni Muhima, naho abandi ngo ni Tutsi. Ngo MUSEVENI we yiyemerera ko ari uwo mu bwoko Hima. (Hagati aho muri icyo kinyamakuru bitiranya «Nyarwanda» na « Tutsi », mbese nk'aho Abatutsi bose aho bava bakagera ari Abanyarwanda ! !)

Ngo Yoweri MUSEVENI yatangiye guharanira ubutegetsi bwa Uganda mu w'i 1980, ubwo yiyamamazaga hamwe na Milton Obote. Ibarura ry'amajwi ryarabaye maze MUSEVENI arumirwa, nibwo afashe inzira igana ishyamba, atangira gukotanira ubutegetsi akoresheje ingufu z'imbunda. Aho mu ishyamba yajyanye na bamwe mu bo bita « Nyarwanda », dore ko nabo ngo Milton Obote yari abamereye nabi. MUSEVENI n'abo ba «Nyarwanda», bafashijwe na Libiya, bahiritse Obote mu w'i 1986. Icyakora ngo agace k'u Bugande bw'amajyaruguru, nk'ahitwa Gulu, ntabwo MUSEVENI yari yahanesha neza neza.

Amaze gufata ubutegetsi, imyanya myiza mu buyobozi yayihaye abamufashije kubufata. Ngabo ba Général Major MUGISHA, akaba mwene MUNTUWERA (ngo wo mu Rwanda). Ngabo ba Major KAGAME (bita « Pilato » ngo kuko ari nk'ingegera), ngo akaba uw'i Gatsibo muri Byumba.

Nguwo Général Major nyakwigendera RWIGEMA Fred, nguwo Dogiteri Major nyakwigendera BAYINGANA, ngabo ba majoro NDUGUTEYE na BUNYENYEZI, nguwo RUZINDANA Augustin ngo uvugana na Perezida MUSEVENI wenyine, tutibagiwe na Petero KABATSI.

Abo batware-hima bose ngo bateye abandi bagande guhangayika. Ndetse ngo Abagande benshi birukanwe mu turere bari batuyemo bimukira aba «Nyarwanda-Hima ». Abagande ngo bavuga ko MUSEVENI agaragaza ko ubwoko bwe buruta andi moko, ku buryo na n'ubu batariyumvisha impamvu abo « Nyarwanda » baba barateye u Rwanda kandi ari bo bafashwe neza ku ngoma ya MUSEVENI.

Ikinyamakuru « Kenya Times » cyasobanuye ko abo batware-hima ubu bari mu ntambara itoroshye i Kampala kubera ko abandi bagande batabishimiye. Ubwo MUSEVENI ngo akaba yarifuzaga ko i Kigali habaho Leta ibashyigikiye, ikaba yabatabara biramutse bibakomeranye. MUSEVENI rero ngo yazirikanye ukuntu yanesheje Idi Amin na Milton Obote abona ko n'u Rwanda arufashe bitamugwa nabi. Mbese ngo ingabo z'u Rwanda zari izo kuzajya zimufasha kuzibya Abagande batamworoheye, dore ko yari kuba ari umukuru w'u Bugande na ka Rwanda.

Icyo kinyamakuru cyakomeje ko mu gutera u Rwanda MUSEVENI atashoboye kumvikana n'umugaba we w'igitero Fred RWIGEMA. MUSEVENI ngo we yifuzaga ko hagabwa igitero cy'Inkotanyi ibihumbi icumi, byose ku rugamba rumwe. RWIGEMA we yashakaga ko zakwigabamo imitwe ibiri, z'igaterera rimwe ahantu hatandukanye. Ayo macakubiri ngo yaba ari imwe mu mpamvu zatumye Inkotanyi zitsindwa. Andi macakubiri yabaye hagati ya RWIGEMA wifuzaga gufata burabyo Kigali na Major BAYINGANA ngo wifuzaga intambara y'urusorongo, dondi dondi, ngo buhoro buhoro nibyo byari kunesha HABYARIMANA.

(Ibi twabigereranya n'andi macakubiri yasohotse muri « Jeune Afrique n° 1559 yo kuwa 14 — 20/1990 yo yari hagati ya RWIGEMA na bamwe mu Nkotanyi ze.
Ngo umuvandimwe RWIGEMA yavugaga ko naramuka atsinze azaturana n'abo anesheje. Izindi Nkotanyi zo ziti reka da ! Ziti abazaducika tutaberetse ibyobo, nibura bazabe impunzi nk'uko turi zo).

Ikinyamakuru « Kenya Times » nticyarekeye aho kubeshya. Cyongereye ho ko ngo muri rya joro rishyira uwa gatanu Ugushyingo, ngo MUSEVENI we yari yatangiye umunsi mukuru yishimira itsinda ry'Inkotanyi. Ngo aho amenyeye ko yihuse, nibwo ku itariki ya 7 z'uko kwezi yohereje izindi ngabo za N.R.A. (ariko zo ngo zari abarikiri) hamwe n'ibiribwa n'intwaro, abinyuza i Rwempasha ngo bize gutera inkunga ingabo za RWIGEMA.

Hagati aho ngo ingabo za RWIGEMA zo zari zageze mu Mutara, zirara mu bagore no mu nka ziragavura biratinda, kugeza ubwo izacu ziziguye gitumo zikazitsemba. Icyo kinyamakuru gikomeza kivuga ko RWIGEMA yari yatorewe i Kampala kuba Perezida wa Repubulika ya gatatu mu Rwanda. Amarangamuntu mashya y'abanyarwanda b'icyo gihe cyari kuza ngo yari yateguwe, mbese ngo ntacyari gisigaye uretse gusukura igihugu cyabo. « Kenya Times » irangiza ibihuha byayo ivuga ko icyemeza ko MUSEVENI yari ashyigikiye Inkotanyi ari uko yagize mwene se Mr Salim Saleh umukuru w'Inkotanyi kugira ngo asimbure nyakwigendera Frederiko RWIGEMA.

Basomyi rero, tubibatekerereje uko byatugezeho mu rurimi rw'icyongereza muri « Kenya Times » yo kuwa kane tariki ya 8 Ugushyingo 1990. Muzashishoze neza mumenye ukuri kwaba kwihishemo.

Murakoze.

MUSAFILI Hilde.

Gisenyi

KA02 1121

KA021121

LA VERITE SUR L'INVASION DES REBELLES TUTSI AU RWANDA.

Les étudiants rwandais de l' Université Laval 7 octobre 1990

1. LA MONARCHIE TUTSI (13ème siècle)

Les premiers habitants du Rwanda furent les TWA, suivis des HUTU (7ème siècle).

Longtemps après, les TUTSI se sont infiltrés et ont rapidement conquis le pouvoir par un système de vassalité basé sur la vache.
Le pouvoir fut monarchique et féodal, et les autres ethnies furent réduites à la servitude: corvéables à souhaits et exploités sans merci.

Le régime fut opprimant et sanguinaire. Par exemple, la reine mère KANJOGERA, pour se lever de son siège, s'appuyait sur deux épées plantées dans les épaules de deux gamins HUTU !

2. PERIODE FEODO-COLONIALE.

La colonisation a renforcé et systématisé l'exploitation des masses HUTU par les seigneurs TUTSI.
Le système d'exploitation agricole initié par les colons a renforcé les travaux forcés (accompagnés de coups de bâtons) au service des seigneurs TUTSI.

3. 1957 : REVEIL DE LA MAJORITE OPPRIMEE

En 1957, les HUTU ont pris conscience du droit de tout citoyen de s'épanouir et de vivre décemment.

En 1959, la révolution sociale aboutit à l'abolition de la monarchie et conduit à l'avènement de la République.

Le roi et ses fanatiques, qui ne pouvaient pas supporter l'égalité entre les citoyens, ont préféré s'exiler vers les pays voisins dont l'Uganda. Depuis lors, ils n'ont jamais cessé de troubler l'ordre intérieur par des expéditions armées et par toutes sortes de calomnies et de diffamations visant à isoler le Rwanda sur le plan international.

4. 1962: INDEPENDANCE, AVENEMENT DE LA PREMIERE REPUBLIQUE

Les TUTSI restés au Rwanda ont vécu en harmonie avec les deux autres ethnies, avec lesquelles ils partagent du reste la même culture, même langue, mêmes mœurs; et conclurent des mariages entre elles.

Tout le peuple a participé au développement du pays. Cependant, des extrêmistes TUTSI de l'extérieur en s'appuyant sur certains TUTSI de l'intérieur du pays ont fomenté des troubles qui visaient à destabiliser la paix intérieure et introduire une monarchie féodale oppressive.

5. 1973: DEUXIEME REPUBLIQUE

Début 1973, la paix et l'unité sont encore menacées.

La deuxième République est venue pour restaurer les idéaux de la première République, mettant l'accent sur la paix, l'unité nationale et le progrès.

Soucieux du fait que le progrès est l'affaire de tout le peuple, la 2ème République a été caractérisée par l'établissement d'un équilibre ethnique et régional dans tous les secteurs d'activité. Il y eut même une discrimination positive envers les TUTSI.

5.1. HYPOCRISIE TUTSI

L'hypocrisie et l'esprit de domination des extrêmistes TUTSI semblent sans limite : alors que ceux qui sont restés à l'intérieur du pays se sont caractérisés par une falsification de leur identité pour occuper, en plus des places leur garanties par l'équilibre régionale et ethnique, une partie des places revenant aux HUTU, les réfugiés rwandais n'ont jamais eu honte de continuer à mentir sciemment que l'ethnie TUTSI était discriminée. Ils sont pourtant bien représentés dans tous les secteurs. Voici quelques exemples :

— Membres du Comité Central du MRND, du gouvernement, du parlement et autres postes de haute direction :
KARENZI Pierre Claver, NTASHAMAJE Antoine, MULINDANGABO Ambroise, KATABARWA André, KARANGWA Joseph, RUHASHYA Epimaque, NGOBOKA Cyriaque, KAZARE Faustin, KABANO Augustin, GATERA Geoffory, ... pour ne citer que ceux-là.

— Ils sont quasiment dominants dans le secteur économique du pays.

Citons quelques noms bien connus dans le commerce : KAJEGUHAKWA Valens, MAJYAMBERE Silas, RWIGARA Assinapol, SISSI Evariste, SHAMUKIGA Charles, SEBERA Antoine, RWEMALIKA Eustache, GACUKIRO Jean Baptiste, MUNYAGASHEKE Isaac,... pour ne citer que ceux-là.

Contrairement aux informations diffamatoires couramment véhiculées par les réfugiés rwandais, les TUTSI sont très bien représentés dans l'enseignement primaire, secondaire et universitaire. Les statistiques sont disponibles pour quiconque veut les consulter. Nous sommes très fiers de les voir représentés dans les universités canadiennes comme boursiers du gouvernement rwandais.

6. OCTOBRE 1990: INVASION DU TERRITOIRE RWANDAIS PAR LES TUTSI DE L'UGANDA.

Profitant de leur situation socio-économique et politique dans le pays, certains TUTSI ont détourné les deniers publiques pour financer une rébellion extérieure constituée de groupements de réfugiés dont la grande majorité est membre de la NRA, l'armée de libération ougandaise. Il y a d'ailleurs lieu de se demander si ces anciens réfugiés fermement installés et intégrés dans la population ougandaise depuis 30 ans jusqu'à faire partie de l'armée nationale de l'Ouganda peuvent encore être considérés comme les rwandais.

Quant aux quelques HUTU dont les réfugiés se servent pour faire croire à la communauté internationale que l'attaque du 1er octobre 1990 n'est pas une affaire des seuls réfugiés TUTSI, il faut les connaître pour comprendre le motif de leur alliance aux réfugiés. Il n'est donc pas surprennant que le nom de KANYARENGWE Alexis qui meurt de nostalgie du pays après s'être exilé sans famille après l'échec de tentative de coup d'Etat en 1980, soit chanté tout haut. Et pourtant les auteurs de ce coup d'Etat reprochaient au Gouvernement du Président HABYARIMANA de favoriser les TUTSI. Ce sont ces mêmes personnes qui, curieusement se sont ralliés du côté des réfugiés TUTSI.

Le cas de Monsieur BIZIMUNGU Pasteur est aussi flagrant. Directeur

KA02 1122

Général de la Compagnie rwandaise de distribution d'eau et d'électricité (un poste stratégique au Rwanda), il a profité de sa place pour financer l'invasion aux frais du pays et s'est évadé (vers l'Ouganda) quelques semaines avant l'attaque, en compagnie des grands commerçants renommés, dont MM. MAJYAMBERE Silas et KAJEGUHAKWA Valens. Il ose maintenant se proclamer, au nom des envahisseurs, comme le gourou de la démocratie au Rwanda.

Cette rébellion est destinée à réinstaurer la monarchie féodale d'avant 1959, et ainsi exclure la majorité HUTU de la vie nationale.

Les conséquences de la guerre actuellement en cours sont nombreuses :

— Perte des vies humaines et de biens matériels ;
— Pénurie des denrées alimentaires et de carburant ;
— Sabotage de l'économie nationale ;
— Rupture de la cohésion sociale à laquelle on était parvenue, etc...

7. VIVE LA PAIX AU RWANDA

La paix et l'unité rwandaises doivent être rétablies dans les plus brefs délais et sans conditions. Quelles que soient les raisons (fausses d'ailleurs) avancées par les réfugiés pour attaquer le Rwanda, ce n'est pas par les armes qu'ils pourront résoudre leur problème.

IL N'Y A PAS DE PAIX PAR LA GUERRE.

NOTE SUR L'AGRESSION DU RWANDA.

1. Nature de l'agression.

Il s'agit d'une agression extérieure et non d'un conflit interne comme certains le prétendent voulant coller à cette guerre le caractère de libération contre un régime soi-disant corrompu pour décourager l'assistance internationale. Les agresseurs viennent de l'extérieur et comprennent beaucoup d'éléments étrangers.

2. Composition et armement des assaillants

Les assaillants sont anciens réfugiés rwandais membres de l'armée ugandaise et des éléments ugandais membres de cette même armée. Ils sont venus de l'Uganda par Kagitumba, région du Mutara, dans le nord-est du pays. Ils sont équipés d'armements lourds et sophistiqués comprenant entre autres des véhicules blindés, des auto-mitrailleuses, des mortiers et des canons sans recul. Ils avaient aussi acheminé clandestinement sur Kigali auparavant, des armes tant lourdes que légères et des quantités de munitions ainsi que des moyens de communication (radio émetteur-récepteurs). Toute cette armada était cachée chez des complices rwandais parmi lesquels trois officiers. Elle a été utilisée dans la nuit du 4 au 5 octobre 1990 dans une tentative pour prendre la capitale du Rwanda.

3. Objectifs et visées des assaillants

Il va sans dire que cette organisation terroriste n'a d'autre visée que l'instauration d'un **«Régime minoritaire»** incarnant un **Féodalisme à visage moderne** remettant ainsi en question les acquis de la révolution sociale du peuple rwandais de 1959 ainsi que les résultats de la IIe République.

— Aussi nous pensons que parmi les plans rwandais machiavéliques de cette **«oligarchie féodale»** était de provoquer une guerre civile au Rwanda en soulevant la population rwandaise contre institutions normalement établies et en les dressant les unes contre les autres.
— Le peuple rwandais qui reste attaché à la paix et à l'unité nationale a vu clair et a accordé une coopération totale à l'armée dans le maintien de la sécurité, dans le dépistage des agresseurs infiltrés surtout dans la capitale et en participant au démantèlement du réseau de caches d'armes (plus de 20 caches ont été trouvées dans la capitale). Par ailleurs le Gouvernement rwandais a décidé de porter la question au Conseil de Sécurité des Nations Unies, mettant ainsi en cause le Gouvernement ougandais qui, tout en prétendant condamner l'agression, continue à organiser le recrutement, les ravitaillements et les renforts de ces agresseurs membres de son armée régulière. Il est donc maintenant clair que le Président ougandais Yoweri Museveni soutient sans détour les forces rebelles qui ont attaqué le Rwanda dans le but de les aider à réinstaller un gouvernement minoritaire au Rwanda.

4. Evolution de la situation

Dans la nuit du 4 au 5 octobre 1990, les agresseurs se sont attaqués aux positions rwandaises stratégiques de la capitale et ont été mis hors d'état de nuire. Les combats se poursuivent au Mutara et l'ennemi recule. Les combats ont fait jusqu'ici 1000 morts parmi les assaillants, 30 dans les rangs de l'armée rwandaise. Mais la chasse aux infiltrés et à leurs complices ainsi que la recherche de nouvelles caches d'armes continuent à travers tout le pays.

5. Nature des arrestations

Ont été arrêtés : les assaillants que la population et l'armée ont délogés de leurs caches chez des complices ;
— Les complices détenant les armes ou abritant les assaillants ;
— Toute personne sur laquelle des présomptions sérieuses pesaient ;

Une commission spéciale a été mise sur pied pour examiner tous les cas afin que les innocents qui seraient pris dans les filets soient libérés et les coupables traduits devant la justice.

6. Etat de siège

L'état de siège a été décreté conformément à la loi en vigueur au Rwanda et n'est appliqué que pour régulariser la situation qui requiert des mesures spéciales de sécurité pour permettre à l'armée de procéder aux perquisitions chez les suspects et en vue de permettre également au Conseil de guerre, et à la Cour martiale de siéger en vue de juger les coupables. Néanmoins l'état de siège n'empêche pas la vie de continuer normalement sur l'ensemble du pays y compris la capitale. Il s'entend aussi que par souci de sécurité, certaines mesures de restriction ont été imposées en vue de sauvegarder l'ordre public. C'est le couvre-feu de 19 h 00 à 5 h 00, interdiction aux taxis de circuler, permis de circuler d'une préfecture à une autre.

7. Préoccupation du Gouvernement rwandais face au problème des réfugiés.

Le Gouvernement rwandais ne s'est jamais départi de son devoir de défendre les droits de ses citoyens y compris les réfugiés qu'il considère comme rwandais à part entière et dont il n'a cessé de rechercher des solutions à leur problème. Il y a lieu de rappeler que la révolution de 1959 n'est que le résultat de la campagne

KA02 1123

KA021123

de teneur qui avait été lancée par le régime féodal tutsi et qui visait ; en vue d'étouffer le mouvement démocratique dans l'œuf, la liquidation de tous les leaders hutus des partis démocratiques, et bon nombre d'entre eux ont été assassinés. Par exemple les féodaux tutsi plus particulièrement après que leur parti UNAR ait échoué au Référendum du 25 septembre 1961 au profit du parti MDR Parmehutu, n'est en soi que le refus d'adhérer aux institutions démocratiques mises en place sur la supervision des Nations Unies.

Toujours animés du souci de reprendre le pouvoir par la force malgré l'orientation politique clairement choisie de la façon la plus démocratique par la population, ces extrémistes féodaux n'ont jamais voulu rentrer paisiblement dans leur pays. C'est un problème qui a certes assez duré compte tenu de sa délicatesse mais il faut regretter que les intéressés eux-mêmes n'ont pas saisi la perche chaque fois leur tendue par les autorités rwandaises. Déjà en mars 1962, un appel fut lancé à l'adresse des réfugiés les invitant **« à revenir au Rwanda pour participer à l'essor démocratique de leur pays »** *(Président Kayibanda, le 16 mars 1962).*

— Malheureusement, force est de constater qu'au lieu de répondre raisonnablement à cet appel, certains réfugiés orchestrèrent des actions terroristes généralisées destinées à renverser le régime démocratique républicain par la force, on enregistrera de 1962 à 1967, 36 incursions à caractère terroriste dont la plupart furent profondément meurtrières.

— Le Gouvernement rwandais, soucieux de sauvegarder les droits de son peuple ne s'est pas découragé face à ces réactions négatives de certains radicaux parmi les réfugiés. Le 28 janvier 1964, un second appel eut lancé aux réfugiés les invitant à nouveau **« rentrer paisiblement ou à s'installer définitivement dans les pays qui les hébergeaient, en obéissant aux lois et règlements des autorités de ces pays »**. *(Voir discours du Président Kayibanda en annexe).*

— Malgré ces appels répétés du Gouvernement rwandais, les campagnes militaires perpétrées contre le Rwanda par les réfugiés extrémistes et leurs adeptes se poursuivirent jusqu'en 1967.

— **En 1967** un décret présidentiel fixait les modalités du rapatriement volontaire des réfugiés qui voulaient rentrer au pays. Ceux qui l'ont fait ont été réintégrés au sein de la population rwandaise mais ceux qui sont restés n'ont pas été des **« laissés pour compte »** car depuis lors jusqu'à nos jours le Rwanda n'a cessé de considérer la question comme préoccupante et à y chercher des solutions.

— A partir de 1973, le Gouvernement de la II^{ème} République notamment, prônant la paix et l'unité du peuple, a mis fin à toute tendance séparatiste ethnique ou régionale.

— Pour asseoir ces principes, le Président Habyarimana fonda en juillet 1975, le Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement (Le MRND).
C'est grâce à ce mouvement que le peuple rwandais encadré, va acquérir toute une maturité politique qui se traduit aujourd'hui par sa volonté de tolérance, de l'autodéveloppement, du bon voisinage et de solidarité.

— Les événements actuels surviennent pendant que les négociations pour la résolution de ce problème des réfugiés rwandais entamés depuis plusieurs années avec le Gouvernement ougandais s'acheminaient vers leur aboutissement.
En effet, conscient que le Rwanda à lui seul ne détient pas la clé de la problématique, les pays voisins et organismes internationaux ont été associés à la recherche d'une solution durable à ce problème.

C'est en tout réalisme que le Rwanda a proposé aux intéressés trois axes de solution :

1° Continuer le rapatriement volontaire
2° Recourir à la naturalisation volontaire dans les pays d'accueil.
3° Libre établissement dans les pays d'accueil avec leur accord.

— L'invasion armée que subit le Rwanda pour le moment survient alors qu'en collaboration avec le HCR, il allait procéder à une identification des réfugiés vivant en Uganda pour déterminer selon le choix de chaque individu, ceux qui étaient candidats au rapatriement et ceux qui optaient pour la naturalisation.

— En tout réalisme également, le Rwanda n'a jamais caché à tous les réfugiés voulant rentrer, les problèmes auxquels ils devraient faire face compte tenu de la situation socio-économique que connaît le pays.

Le Rwanda ne peut donc que regretter cette attitude irresponsable d'une poignée de réfugiés assoiffés du pouvoir et soutenus par le gouvernement ougandais qui ont induit leurs frères en erreur sous prétexte de combattre pour leur cause. Ce sont encore ces irresponsables, qui, malicieusement, entretiennent une propagande tapageuse sur les tribunes internationales avec les slogans pseudo-démocratiques pour émouvoir l'opinion publique en discréditant le Gouvernement rwandais.

Aussi, il est de son devoir d'attirer l'attention de la communauté internationale surtout de l'ONU, de l'OUA et du HCR sur les conséquences d'une telle barbarie sur l'évolution des négociations en cours avec les instances habilitées. En conséquence, le Gouvernement rwandais prie l'Organisation des Nations Unies, l'OUA et le HCR pour qu'elles fassent tout ce qui est en leur pouvoir pour ramener les réfugiés radicaux à la raison. En effet ce n'est par la convention des Nations-Unies de 1951 et son protocole de 1967 ainsi que la convention de l'OUA. De 1969 régissant les aspects propres aux réfugiés africains, qui permettront de trouver une issue heureuse au problème des réfugiés rwandais. Cela risque plutôt de provoquer un autre flux de réfugiés. Le Gouvernement rwandais prie avec la même insistance le Gouvernement ougandais de contrer les attaquants qui partent de son territoire et de faire cesser tout recrutement de nouveaux agresseurs dans son armée ainsi que leurs approvisionnements.

KA02 1124

KA021124

8. Fondement juridique de l'assistance internationale.

Les pays amis qui sont venus en aide au Rwanda en envoyant hommes ou matériel (Belgique, France, Zaïre), l'ont fait dans le cadre des accords bilatéraux de coopération les liant au Rwanda. Les troupes qui sont au Rwanda en provenance de ces pays sont là pour une assistance humanitaire en vue d'assurer la sécurité des ressortissants de ces pays et garantir le cas échéant, leur rapatriement volontaire et provisoire. Par ailleurs, en vertu de l'article 51 de la charte des Nations-Unies le Rwanda a le « **droit naturel de légitime défense individuelle ou collective** » en cas d'agression armée. En outre la charte de l'OUA impose à tous ses états membres de défendre la souveraineté des Etats africains ainsi que leur intégrité territoriale *(art. II,0; art. III. 2, 3)*.

9. Position des pays voisins dans ce conflit.

Dans le cadre de la politique de bon voisinage, les pays frères qui entourent le Rwanda lui ont spontanément manifesté leur soutien.

— **Burundi :** a promis de surveiller sa frontière afin d'empêcher une infiltration éventuelle des agresseurs par son territoire.

— **Tanzanie :** a stoppé le refoulement des émigrés rwandais irréguliers qui s'étaient installés sur son territoire, ceci pour éviter toute confusion entre ceux-ci et les agresseurs. A aussi promis de contrôler la frontière commune pour éviter toute infiltration.

— **Zaïre :** Surveillance de ses frontières et envoi d'un contingent de 500 hommes pour la même mission humanitaire.

— **Uganda :** condamne l'agression et qualifie de « **déserteurs** » les éléments de son armée combattant aux cotés des réfugiés rwandais eux-mêmes enrôlés dans cette même armée avec à la tête, le général major Fred RWIGEMA, l'une des personnalités les plus haut gradées des forces armées ugandaises. Le matériel militaire lourd et léger a été « volé » selon le gouvernement ugandais, de son armée. Quand on sait cependant que tout ce convoi de plus de 10.000 hommes a traversé de jour tout un territoire, il y a lieu de se poser des questions...
Par ailleurs, sur le front au nord-est, les assaillants portent l'uniforme de l'armée ougandaise.

Après deux rencontres des Présidents rwandais et ugandais qui se sont vus aux Etats-Unis après l'attaque, les assurances ont été données par le Gouvernement ugandais que la frontière entre les deux pays allaient être verrouillée pour empêcher l'infiltration de nouvelles troupes et que si jamais les « **rebelles** » rentraient en Uganda, ils seraient poursuivis par la justice ugandaise. L'Uganda propose aussi au Rwanda une rencontre au sommet pour étudier la façon de mettre fin à cette agression. Mais en attendant que toutes ces promesses se matérialisent, la guerre continue, les agresseurs sont renforcés par d'autres recrus de l'armée ugandaise et continuent de recevoir des renforts. Certains leaders des agresseurs, en l'occurence le général Fred Rwigema et le major Bayingana continuent à sè promener librement en Ouganda y compris à Kampala. Le Gouvernement rwandais a attiré l'attention du Gouvernemant ugandais sur cette situation qui permet d'apprécier le soutien ferme que l'Uganda continue à réserver à une partie de son armée qui a attaqué le Rwanda.

NDLR : Cet article a été rédigé alors que la mort de Fred RWIGEMA et de BAYINGANA n'était pas encore annoncée officiellement.

IBYA KAMINUZA Y'I MUDENDE BIKWIYE GUKURIKIRANIRWA HAFI.

Mu gihe iby'inyangarwanda byari bikomeye hafashwe benshi; ibyitso koko ariko harimo n'abere ubu barekuwe. Ariko ntibirarangira, kuko dukomeje gutahura ibyitso byakomeje kwiyoberanya.

Dore nawe Ruzibiza Lakira, umwarimu muri kaminuza i Mudende, wavukiye ku Nyundo, agahungira muri Zayire i Masisi aho yakoze uko ashoboye akabona ubwenegihugu bwa Zayire, azwiho kugambanira u Rwanda.

Akigera muri kaminuza y'i Mudende, Ruzibiza yagizwe ushinzwe kugenzura amadosiye y'abanyeshuri (registraire). Ibintu ntiyatinze kubizambya mu gukoresha icyenewabo n'ivangura ry'amoko. Nko mu ishami ry'ubukungu n'ubutegetsi (gestion et administration) ntawashoboraga kwigamo adafite amanota 55% ku bafite impamyabushobozi yo muri Zayire na 60% ku bafite impamyabushobozi yo mu Rwanda! Ruzibiza we rero mu kuviringa yemerera abatujuje ibyo byangombwa.
Ahubwo nyine we agahera ku bwoko mu gutanga imyanya. Kuba ayo mafuti yarabonwaga na bose byatumye ahindurwa agirwa ushinzwe ibibazo by'abanyeshuri (service aux étudiants) ari we nyine ushinzwe ibyo kugenzura amarangamuntu y'abanyeshuri, kubaha amacumbi, kugenzura impapuro z'inzira (passeport) ku banyamahanga, niwe ugenzura umwuka mwiza cyangwa mubi uri mu banyeshuri. Ni nawe wagombaga gufata iya mbere mu kuvumbura ibyitso mu banyeshuri kandi byarimo koko! Ahubwo we yafashe iya mbere ahunga rugikubita agana iya Zayire.

Igihe kaminuza yafataga icyemezo cyo kohereza abanyeshuri iwabo, Ruzibiza we yari yarambutse kera yambukanye n'abanyeshuri batatu n'umwarimu witwa Manzi. Uwo Manzi akaba yarivugiye ubwe mu gifaransa ngo inkotanyi nizize (qu'ils viennent) igihe amaradiyo y'amahanga yabeshyaga ko hasigaye km 70 ngo zigere i Kigali.

Ruzibiza yagiye yemeje ubuyobozi bwa kaminuza ko agiye muri misiyo ariko yageze i Goma akorerayo amarorerwa; ku buryo na Recteur wa kaminuza y'i Mudende yagiye kumushaka akamubura.

KA02 1125

KA021125

Ngo ubwenge buza nyuma y'ubujiji. Akimara kuva mu gihugu, ukugenda kwe kwateye abantu kumutekerezaho byinshi. Ni nabyo byatumye abasirikare bamusaka kabiri kose bakagenda batanyuzwe kubera ko iyo nyangarwanda yasize irigishije ibimenyetso.

Ruzibiza yakomeje kwizeza ubuyobozi bwa kaminuza ko azagaruka. Abwira ubuyobozi bwa kaminuza ngo bamutegereze uretse ko bageze aho bakarambirwa. Habaye kuwa 19 Ugushyingo 1990 nibwo inama yateranye ngo yemeze itariki yo gutangira amasomo. Iyo nama yaranzwe n'amacakubiri: bamwe bemeza ko ntawatangira kwigisha Ruzibiza atari yaza; abandi bati «Ruzibiza uwo si kamara!». Inama irasubikwa. Ku munsi ukurikira Ruzibiza ngo yabwiye Umuyobozi wa kaminuza ko adashobora kuza mu Rwanda iby'intambara bitaribagirana neza! Yemeza ko kandi niyo amashuri yatangira bitaba mbere y'ukwezi kwa kabiri muri 1991.

Ese abayobozi ba kaminuza y'i Mudende ntibazi ko Ruzibiza ari icyitso cy'inkotanyi? Ubutegetsi bwegereye kaminuza bwo bumutekerezaho iki? Icyakora ndabona ko iyo kaminuza y'i Mudende igomba kugenzurwa cyane kurushaho.

Papias Rubera.

LES MENSONGES DES INKOTANYI LA VEILLE DE LA VISITE DU PAPE JEAN PAUL II.

Genève, le 5 juillet 1990

A Sa SAINTETE LE PAPE JEAN PAUL II
ROME/ITALIE

Saint-Père,

A l'occasion de votre visite au Rwanda, nous jugeons opportun de vous dévoiler l'autre visage de ce pays, celui que ne vous montreront pas les autorités qui vont vous accueillir.

Vous allez visiter, Saint-Père, un pays où la violation des droits de l'homme a déjà dépassé les limites du supportable. Notre pays détient le triste record de réfugiés en Afrique. En effet, près de deux millions de Rwandais sont éparpillés dans le monde entier, et ce depuis 31 ans. Des citoyens innocents ne sont pas autorisés à regagner leur patrie sous prétexte de l'exiguïté du territoire national et de la mauvaise situation économique du pays. Mais, qui donc aurait le droit de déchoir quelqu'un de sa nationalité?

Après les massacres cycliques engendrés par le colonisateur et perpétués par la première république, la deuxième république prit le relais en institutionalisant la discrimination ethnique et régionale. L'historique serait trop long pour une simple lettre, mais nous espérons que cette situation ne vous est pas inconnue.

Dans ce système gouvernemental inhumain, l'origine «ethnique» et «régionale» détermine les droits les plus élémentaires tels que l'accès à l'enseignement ou à l'emploi; système savamment appelé «politique d'équilibre ethnique et régional» et facilité par la mention de l'appartenance ethnique sur les pièces d'identité et dans les dossiers administratifs afin de garder l'œil sur ceux qu'il faut exclure. L'Apartheid à la Rwandaise.

Nous ne nous attarderons pas sur le fait qu'on ne peut pas parler d'ethnies au sein d'un peuple uni par une seule langue et une même culture, mais même dans les pays où existent de véritables ethnies, l'origine, qu'elle soit ethnique ou régionale n'a jamais déterminé les droits des citoyens.
Au Rwanda, les citoyens de seconde zone, c'est-à-dire ceux qui sont nés TUTSI ou en dehors de la région dont est originaire Monsieur HABYARIMANA Juvénal ne peuvent prétendre aux postes clés de la vie nationale, tant dans le secteur public que privé voire même religieux. Notre compatriote KAJEGUHAKWA Valence, pour le succès de son commerce, exercé pourtant le plus légalement du monde, en fait l'amère expérience. Vous savez que l'abbé MUVARA n'a pas eu droit au poste d'évêque malgré le choix des autorités ecclésiastiques.
Et pour se maintenir au pouvoir, les hommes forts du régime rwandais recourent à tous les moyens; emprisonnements arbitraires, disparitions entre les murs des prisons, accidents de circulation mystérieux, enrôlement obligatoire du peuple dans un parti unique, etc.

Saint-Père, dans un pays où le peuple a répondu massivement à l'appel de l'Eglise catholique, le rôle de celle-ci est déterminant. Or, jusqu'à présent la position de l'Eglise catholique face à cette situation nous semble, pour le moins, ambiguë. Aucune dénonciation de cette politique d'exclusion et de discrimination génératrice de réfugés et de sous-citoyens à l'intérieur du pays. Il n'y a pas longtemps, l'Eglise catholique avait même un siège au sein du comité central du M.R.N.D., parti unique au Rwanda. A moins que nous n'ayions vraiment rien compris de l'évangile, la politique menée dans ce pays est contraire à son message. C'est pourquoi nous nous étonnons de la position de l'Eglise catholique à cet égard.

Ayant suivi avec intérêt votre discours dans d'autres pays, nous y avons saisi un message de justice, d'amour et de paix; compte tenu de la situation, nous espérons que ce message sera adressé de façon particulière aux autorités politiques et ecclésiastiques de notre pays.

Vous remerçiant d'avance du soutien moral que vous ne manquerez pas de porter à notre peuple, nous vous prions, Saint-Père, de croire à nos sentiments les plus respectueux.

POUR L'ASSOCIATION GASABO

Louis de Gonzague MUNYAZOGEYE
Secrétaire

(sé)

Smaragde NZEYINGORO
Secrétaire Général

(sé) p.o.

C.C:

- *Nonciature Apostolique en Suisse*
  BERNE/SUISSE
- *Révérend Emilio CASTRO*
  Secrétaire Général du Conseil Oecuménique des Eglises
  GENEVE/SUISSE

KA02 1126

KA021126

- *Révérend Dr. Heinz-Joachim HELD*
  Président des Eglises Evangéliques en Allemagne

  Pasteur M. J. BEUKENHORST
  Président des Eglises Unies de la Belgique

- *Jean UTUMABAHUTU*
  Secrétaire Général des Eglises Protestantes du Rwanda

- *Pasteur Heinrich RUSTERHOLZ*
  Président de la Fédération des Eglises Protestantes Suisses

  Archevêque Desmond TUTU
  Afrique du Sud

- *Pasteur Jacques STUWART*
  Président de la Fédération Protestante en France

  Conférence Episcopale du Rwanda

- *Javier PEREZ DECUELAR*
  Secrétaire Général des Nations Unies
  NEW YORK

  George BUSH
  Président des Etats-Unis d'Amérique
  WASHINGTON

- *François MITTERAND*
  Président de la France
  PARIS

- *Helmut KOHL*
  Chancelier de la R.F.A.
  BONN

- *Arnold KOLLER*
  Président de la Confédération Helvétique
  BERNE/SUISSE

- *Commission des Droits de l'Homme*
  GENEVE

  La Libre Belgique
  BRUXELLES

- *Associations des Réfugiés Rwandais*

- *Journal KANGUKA*
  KIGALI/RWANDA

Intellectuels Rwandais, prenez courage, aidez le président à défendre la patrie.

Je crois que le silence des intellectuels rwandais sur la guerre d'octobre — novembre 1990 devient de plus en plus flagrante et peut-être complice comme elle l'a été sur la problématique paysanne depuis trente ans.

Un groupe d'étrangers a pris position de défense du Rwanda dans les premiers jours de guerre. Jacques Dubot vient de dénoncer dans la *Relève* le triste sioniste Gol comme s'il était le seul à l'avoir vu sur écran de nos vidéos, le bon vieux Jean-Paul Harroy, ami du Rwanda — et de la liberté Bahutu — Que Dieu le bénisse — prend la défense de la cause de la Révolution de 1959 fermement plus que les Rwandais, voilà notre catastrophe de délicatesse et de clairvoyance de Rwandais.

Jusqu'à quand continuerons-nous à compter sur la seule aide extérieure même en cas de nécessité d'auto-organisation? Le peuple commence à désavouer l'entourage du Président qui a créé autour de lui un rideau de fer. Les Inkotanyi ont des porte-paroles, les Batutsi ont droit de se plaindre partout et trouver audience internationale auprès des occidentaux à telle enseigne qu'en Belgique il y a une nouvelle race à côté des Walions et Flamands. Les Tutsi Belges (Gertrude SHOPAK) en danger!!! Les Bahutus eux n'ont même pas droit d'avouer qu'ils sont hutus, et qu'ils sont menacés. Intellectuels Rwandais, ne restez pas marginaux de la politique actuelle rwandaise qui doit être paysanne et donc défendre les acquis de 1959 et 1973. Ne laissez pas tout le boulot au Président de la République Rwandaise et son Conseil National de Développement qui ont plusieurs contraintes et ont droit aussi à la fatigue.

Nous avons quand même nos médias, journaux écrits et parlés à la Radio Rwanda qui doivent en ces temps de guerre, donner la parole aux intellectuels rwandais et aux paysans pour que les décideurs trouvent et prennent les décisions du peuple qui a un mot à dire l'issue et la conduite à tenir sur cette guerre.

Notre radio doit se refuser aux disques demandées et musique sans fin, plutôt donner place aux informations fiables et sûres pour ne pas donner cours aux ont-dit.

Notre société rwandaise rurale comme urbaine sont en danger si les intellectuels veulent craindre et se cramponner indéfiniment sur leurs faveurs fictives et laisser au labeur des champs avec les moyens de production agro-pastorale de subsistance et par-dessus tout la lutte au front contre les inyenzi, la conception et la parole de solutions à la problématique paysanne.

Intellectuels rwandais, prenez courage, récupérez votre place et votre parole à la radio, saisissez-vous de vos plumes, aidez le Président HABYARIMANA à se débarrasser des complices à l'intérieur et défendez notre patrie.

Byaratangaje pe!!!

Abanyamakuru babajije umwe mu bategetsi bashinzwe ubukungu. Bati ko ifaranga ry'u Rwanda muritesheje (ifaranga) agaciro rikaba ryaramanutse cyane kandi twe abakozi ntimutwongeze murabona tuzabaho dute?

Igisubizo cy'uwo mutegetsi cyaratangaje kuko yavuze ko ritagabanutse ku gaciro karyo ko ahubwo ariho ryafashe umwanya urikwiye, maze nyirukubaza arumirwa pe!

Abasomyi ba *Kangura* bari bayimenyereye ku mafaranga 50 (mirongo itanu), bagiye kubona bayisanga ari 100 (ijana) kubera ko biyemeje kutazayinemukira kubera ukuri ibabwira bapfuye kuyigura ubwo yari nimero ya kane (N° 4) ku mugoroba nibwo banuye n'umwe mu banyamakuru bayo bamubaza impamvu *Kangura* yazamuye ibiciro kandi ifaranga ry'u Rwanda ryataye agaciro, igisubizo yahawe cyaratangaje kuko ntaho gitaniye n'icya wa mutegetsi. Ngo ntiyazamuye igiciro — *KANGURA* — ngo ahubwo nibwo yagiye ku kiguzi cyayo nyacyo. Nyir'ukubaza ati: yewe simwe na minisitiri ati mwese ku bisubizo ntibazabashake.

KA02 1127

KA02 1127

IBYA KOMISIYO ISHINZWE KUJONJORA INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO BYABA ARI AMAYOBERA!

Abaturage benshi cyane anatuye mu mijyi bakunze kwibaza ku mikorere ya komisiyo ishinzwe gucyemura ibibazo by'abafashwe bacyekwaho kuba ari ibyitso bv'Inkotanyi zaduteye, ngo ntibasobanurirwa neza icyagiye gifungisha umuntu n'icyamufunguje, aha rero ndabona Radiyo Rwanda yagombye guhura kenshi n'ubagize iriya komisiyo bakayisobanurira icyo bagiye bafatira buri muntu n'uwamufashe tutibagiwe n'icyo bamurekuriye, bityo amagambo yavugwaga akaba abuze ishingiro. Hari n'abafungwa koko ukaba wakwibaza icyo bafungiwe kigaragara. Hanze aha hakwiriye ibihuha ngo KARAMIRA Frodouald umucuruzi ukomeye i Kigali ngo yatangajwe na Kangura. *rwose ibyo ni ibihuha kuko ntigeze mwandika, kandi nta bimenyetso na mba nigeze mubonera kuko mu madosiye yanjye atariho. Abamufunze niho bagomba guhishura icyo bamufungiye cyangwa se ukurekurwa nk'abandi bose; kuko ku byerekeye ibimenyetso nakekaga ko namubonereho nasanze nta na kimwe cyamufunga kugeza ubu.*

Ku byerekeye inzu y'amagorofa hafi 6 yujuje mu mujyi wa Kigali benshi bavugaga ko ayo mafaranga yayubatse yayahawe n'Inkotanyi. Ibyo ni ukubeshya kuko bigaragara ko yahawe amadeni menshi. Ngibyo ibyo twamumenyeho.

NGEZE HASSAN.

URWISHIGISHIYE ARARUSOMA.

Arapfuye Rwigema... amasomo ahawe benshi.

Mbega iminsi itazibagirana! Turi kuwa mbere. Kuri iyo tariki ya mbere y'Ukwakira, mu ma saa yine, Inkotanyi z'inyenzi zateye u Rwanda. Zanyuze i Kagituba. Mu ma saa sita aba mbere babimenye. Nimugoroba, minisiteri y'Ingabo z'Igihugu ishyize ahagaragara itangazo. Iry'intambara da! Ercga byakomeye. Uko kwihutisha ibintu bitaradogera byashimishije benshi ureise nyine Inkotanyi n'ibyitso byazo byashakaga kutwubikira. Kuba Perezida wa Repubulika atari mu Rwanda (Perezida HABYARIMANA yari mu ruzinduko mu mahanga) ntibyatumye ibintu bidakorwa. Abaturage barabyishimiye. Kuko Inkotanyi zakekaga ko ugusigana kw'abategetsi bo hejuru batagira umukuru wabo bituma bagera i Kigali vuba. Mbega ukwibeshya gukabije Kajeguhakwa na Bizimungu Pasteur bakekaga kuba baracengeye ubutegetsi bihagije... baribeneye.

Igitangaje ni ukuntu bateye - basaga n'abagiye kugisha mu Rwanda — Ni ibimanuka koko. Ngabo Rwigema. Bayingana, Biniyenyezi... ngabo abagaragu bose kuva ku bakama mka kugeza kuri Kanyarengwe wasaga n'utazi urumutegereje i Kigali (yari gupfa nka bene wabo), ngabo abagore bo gutereka amata, ngabo... Mbega agasuzuguro. Rwigema yumvaga aza kurya saa mbiri i Kigali. Ariko Imana y'i Rwanda iti hagarara. Imana izana ubumwe idasize amahoro. None Rwigema na bagenzi be bahasize ubutwe.

Zatsinzwe ari inyenzi. Zitsinzwe ari Inkotanyi. Zizatsindwa ari F.P.R. (UNAR y'ubu). Zatsindiwe mu Bweyeye, mu Bugesera no muri Nshili zitsindirwa mu Birunga, mu Mutara n'ahandi. Uwarondora aho zatsindiwe ntiyarangiza. Mbese ziracyatsindwa kuva u Rwanda rwaba u Rwanda nyakuri (rwipakuruye ingoma ya cyami, gihake na gikoronize). Zatsinzwe Kanyarwanda atarajijuka bihagije, zitsindwa ingabo zitangiye gushinga ibirindiro, zitsindwa Abanyarwanda batariyunga burundu, zitsinzwe intwari zimaze kwibaruka imfura.

Ibyo byose Kanyarengwe yarabibonye. Yibagiwe kubwira Inkotanyi ko Abanyarwanda bakunda urwababyaye. Bashaka amahoro atangwa n'ubumwe. Yibagiwe kubasobanurira ko amajyambere twagezeho ari ingaruka nziza y'amahoro n'ubumwe.

Ubumwe nti ngabo no mu baturage butajegajega yarabwiyibagije.

Ubumwe butuma abaturage bakora umujyo umwe, Ingabo ntizibe gashakabuhake ku rugamba nka we (yahunze rugikubita). Twizeye ko yabonye irindi somo nyuma y'imyaka icumi ntawe umusobanurira uko u Rwanda ruteye.

Kanyarengwe yibagiwe kubabwira ibyo ingabo zamureze.

Si Kanyarengwe wenyine wajijiwe. Kajeguhakwa w'indahaga, na Bizimungu w'inkundaruhyino ntibasobanukiwe. Mbega ubwirasi buvanze n'ubuswa! Bari bazi ko bagiye kugarukana ishema n'isheja, bamwaza ababakikije, bisekera abo basangiye. Nabo barabeshye. Banaye agaciro impoba zirengagiza ubumwe bw'Abanyarwanda, zisuzugura amahoro yagezweho bivunanye, zisebya ibikorwa by'amajyambere rusange.

Amajurunga yishe umwana w'Imana yari agiye kwvugana u Rwanda.

Inkotanyi zari zifite inzara zihambaye kandi zitazi kurwanisha cyane. Nyamara icyizere cyazo cyari cyinshi. Igitero cya mbere cyazanywe n'abatware, n'abagaragu. Reka zigire icyizere ni ihu gihe: twagambaniwe n'Abanyamahanga n'Abanyarwanda batazi gushishoza cyangwa babyirengagiza kandi bakunda ifaranga. Ubwenge bw'Ingabo zacu n'inyangamugayo zakoresheje burashimishije. Ubwinshi bw'inyangarwanda ntibwazibujije gupfa umusubizo, kandi bibumvikana. Inyangarwanda n'ubwo zigizwe n'impunzi z'Abanyarwanda b'ibyihebe cyangwa b'injiji, zigizwe nanone na ba gashakabuhake b'Abagande barwanira gusa amafaranga. Ndetse ngo bamwe barayagendana. Nyamara amafaranga si igihugu. Ariko uzi kuba ingaruzwamuheto bitewe n'ibipapuro?!

KA02 1128

Iryo jambo ryatumye Ingabo zacu zitanga zitizigamye, kuko zikunda igihugu cyazibyaye, cyazireze,... Igihugu bakirutishije amafaranga. Ni byiza cyane. Iryo ni isomo bari bakwiye kubera ibyitso by'Inkotanyi. Kubona abantu bakijijwe n'igihugu ari bo bakigambanira! Ya ruswa Perezida HABYARIMANA ahora yamaganira kure. Cyakora ababikurikirira hafi bavuga ko nk'abacuruzi bakorana n'Inkotanyi kuva kera. Nta kabuza ariko kuko kubacururiza ntibivuga kubafasha kugarura ingoma ya cyami mu Rwanda. Niba batarize amateka nibura barayumvise. Ntibari bafashwe nabi na busa. Iyo bafatwa nabi Inkotanyi ntizari kubiyambaza. Ayo mafaranga bashoye (niba ari byo) wenda ahandi ntiyari kubakiza. Ni ukuvuga ko Abanyarwanda ari bo batumye bagera ku byo bafite. Baranga ariko bagambanira Abanyarwanda kandi aribo bafitiye umwenda ukomeye. Cya gihango cyo gusangira akabisi n'agahiye. Abasigaye babone ko amafaranga adakora ibyiza gusa cyane cyane ya ruswa Perezida HABYARIMANA ahora yamagana.

Koko rero imbunda ntizari kwinjizwa mu gihugu, amakarita y'igihugu ngo asohoke, amarangamuntu mod. 4 acapirwe mu Rwanda n'Abanyarwanda, byose nta nkomyi. Ni ugukunda ifaranga birenze urugero birimo n'ubuswa. Niba bari bazi ko abenshi batari kubona uburyo bayarya. Bari ibikoresho gusa! Amafaranga y'inyangarwanda yari atumye Abanyarwanda boreka imbaga y'Abanyarwanda. Bamwe ni bene wabo, abandi babafashije gukira, abandi ni Abanyarwanda gusa. Ni ukuvuga ko basangiye umuco, ururimi n'igihugu, n Rwanda rudutunze twese. Munyarwanda nyakuri kandi utekereza. Rwigema (umaze imyaka 31 hanze y'u Rwanda ku myaka 33 afite) yasumba ate umuturanyi wawe yaba umuhutu, umututsi cyangwa umutwa ugutiza ikibiriti wabuze umuriro, uguha agacuma n'intebe ufite abashyitsi, ugusukira yazimaniwe,...
Ibihe turimo bibere isomo abantu benshi batareba kure, bareba inyungu zabo bwite gusa, bakibagirwa igihugu cyabo.

Abanyamakuru bo mu mahanga bo ni interagahinda. Bagize ibyago byinshi u Rwanda rwatsinda. Ukuri kuragaragara kuko iyo dutsindwa ntabwo twari kubona uburyo bwo kuvuga. N'ubwo batari badufashe umunwa, bari batunize. Nibyo bya nyuma rero. *Kangura* yigeze kwandika ukuntu abanyamakuru bari inyangamugayo bandika ibyo bishakiye ku Rwanda. *Umuranga, New Africa, La libre Belgique, Amnesty International*, ... banditse kuri za agisida zibera mu Rwanda, demokarasi, ubutegetsi, uburenganzira bw'ikiremwa-muntu,... babeshya cyangwa barimo ikabyankuru ridasanzwe. Abafite amaso bari kurora. Uko kuguruka guteye isoni cyane cyane ko barimo n'Abanyarwanda. N'abiyubaha mu mahanga bari batongewe u Rwanda. Izo nyangarwanda rero nako abo ba Yuda (kuko babikorera ibihugu byinshi) bipfuka amaso ku byiza bagakanura ku bibazo, kandi ntaho bibura. Ngo abategetsi ntibita ku kibazo cy'impunzi — biteye isoni — Amadisikuru yose ya Perezida yo mu mezi ashize yabaga arimo buri gihe ikibazo cy'impunzi (ijambo ry'i Paris, iry'i New York,...). Ngo nta demokarasi mu gihugu! Nyamara u Rwanda ruri mu bihugu bya mbere by'Afurika byashyizeho amashyaka menshi. Yego amashyaka menshi si kamara, ariko twese turabizi ko na politiki y'igihugu izavugururwa. Hari n'abasa n'aho bari bafite akazi ko kurangaza abategetsi kugira ngo imirimo bashinzwe ikorwe nabi.

Ngo Leta ifashe nabi imfungwa (Inkotanyi n'ibyitso)!!
Mbega ukwirengagiza ubugira nabi bw'Inkotanyi mu baturage! Ngizo impija ku rugamba, ngizo inyamaswa zihohotewe, ngibyo ibidukikije bihungabanijwe, n'ibindi. Iyaba bari bazi icyari gitegereje miriyoni nyinshi z'Abanyarwanda! Si abihaye gusoma ho rero. Inkotanyi zari gusya zitanzitse. Biteye gutekereza!!
Amafaranga ni mabi. Abanyamakuru b'inyangamugayo babaye ingume. Ukuri kudakuka gutangwa na bake. Ugushishoza ni ko gutuma haboneka ukuri mu mpuha n'inyandiko z'ibinyoma.

Inshuti nya nshuti uyibona mu byago.

MOBUTU OYE! ZAYIRE OYE!

Mobutu ni intwari koko kandi akunda Afurika. Akunda Afurika ahuza Abanyangola, atabara muri Santarafurika (République Centre africaine), yakira Mandela,... Mobutu yerekanye bundi bushya ko azirikana u Rwanda rwa HABYARIMANA. Abanyarwanda baramushimye, kandi bizeye ko bizakomeza.

Hakomere ABAFARANSA na Perezida wabo MITTERAND. Bumvise ko amahoro ari ikintu cya ngombwa mu majyambere. Bazi ukuntu byaruhije Abanyarwanda kuyageraho; ntawabura gushimira abo mu mashyaka atari ku butegetsi (Libéraux + Communistes) ataranze igikorwa cyiza cya Mitterand (socialiste). Ni icyerekana ko Abafaransa bose bazirikana u Rwanda.

Amatiku y'Ababiligi yongeye gutuma Ububiligi buta ishema muri Afurika. Fjo bundi hari muri Zayire. Ubu ni mu Rwanda. Abategetsi bacu bagombye gusubira mu cyizere bari bafitiye Ababiligi. Burya ni « Ba bijya iyo bijya », ibirumirahabiri byuzuye. Ngo ntibabuza Inkotanyi zo muri F.P.R. (UNAR y'ubu) gusebya u Rwanda (ijambo rya minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'Ububiligi)!! Nyamara Abafaransa bahora birukana ku butaka bwabo impunzi zishobora guhungabanya umutekano w'ibihugu kavukire. Ndetse n'u Rwanda ni urugero rwiza. Ntabwo abaturanyi bagira na busa impagarara zaterwa n'impunzi z'inkubaganyi zivuye mu Rwanda. Ni byiza rero.

Abafite isoni ko twasabye imfashanyo, bamenye ko nta kinegu kirimo na busa. Ahubwo ni ikimenyetso ko dufite inshuti nyinshi. Perezida Habyarimana ati « *twaguye amarembo y'u Rwanda* ». Koko rero turabyiboneye. Inkotanyi zigomba kuba zarabibonye kuturusha. Zarafushye biratinda ngo hari ibihugu bidufasha.

Nta kibazo kirimo kuko tubana neza uretse Uganda ya Museveni yananiranye. Kandi na Arabiya Sewudite ifasha ibihugu byinshi nayo yahamagaje amahanga yose igize ubwoba butewe n'umururumba wa Irak ya Saddam.

Ibya Uganda byo ni amayobera. Wagira ngo igihugu kigomba guhora mu ntambara, nka Irak ya Saddam Hussein.
Museveni abaye atarazana amahoro mu gihugu cye, none ashoje intambara mu Rwanda. Yoweri Kaguta Museveni wa wundi Abanyarwanda bakomeye amashyi, ageze i Kampala ateye u Rwanda. Ngo ingabo ze zaramucitse.

Ruriye abandi rutamwibagiwe kuko Abagande ategeka nabo batoroshye. Agomba kubasobanurira niba nawe ari impunzi y'Umunyarwanda, cyangwa Umuhima w'Umugande udakunda igihugu cye!!

KA02 1129

KA021129

Koko rero Museveni ni umwanzi wa Uganda, w'u Rwanda, w'Afurika yose: Yateye u Rwanda ari umukuru w'igihugu cya Uganda. Nyamara Abagande ubwabo ntitwigeze tugirana ibibazo. Yadushumurije Inkotanyi kandi ari Umukuru wa O.U.A. (Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika) muri iki gihe. Akoresha ibibondo mu ntambara. Genda Uganda waragowe. Genda Afurika wapfuye mu iterura. N'ubundi ku buyobozi bubi hakurikira imizamukire mibi. None ubusembwa Uganda ifite Museveni ashaka kubuhaho u Rwanda. Mbega ubutwererane buteye isoni!

Mwibuke ibya ya bisi Kampala — Kigali ibyo yadukururiye. Abategetsi b'u Rwanda kandi barukunda (kuko hari bamwe barugambanira) bari bakwiye kwirinda abayobozi bafite imigambi ya ba Museveni n'abandi ba Kaddafi. Saddam, Museveni, Kaddafi.... bose ni bamwe. Bashaka guhaka ibihugu. Iyo barose ibihugu byabo byabaye bigari bucya bavogera imipaka yashyizweho n'amateka. Nyamara abazi amateka y'u Rwanda bose bazi ko hafi y'icya kabiri cy'u Rwanda rwo hambere ya 1900 cyometswe kuri Uganda y'ubu. U Rwanda nirwo rwari kubabazwa n'ibyo bintu cyane cyane ko badutwerera n'abatuyeyo ngo nabo ni impunzi. Nyamara Abanyarwanda bose bazi ko amahoro agomba kuba imbere ya byose. Abakomye amashyi bose, Museveni wanze kureka kuba inyeshyamba arabatamaje. Yiyereckanye uko ari rugikubita. Ni uwo kugendera kure.

U Rwanda ni urwa Kanyarwanda si urwa Kigeli na bagenzi be.

Iyo usesenguye gahunda nyakuri Inkotanyi zifite usanga ziteye inkeke. Kugarura Kigeli na bagenzi be (abakunda ingoma ya cyami) ni ugusuzugura Abanyarwanda. Twongere tubisubiremo: revolisiyo ya rubanda ya 1959 yaba itarageze ku nshingano zayo? Nanone sinzi icyo revolisiyo mvugururamuco ya 1973 yaba yaramaze!

Abateye kwibaza cyane cyane ni bariya Abanyarwanda twese twafashije gukira!! Gushishoza, gukunda igihugu, kwirinda ruswa n'umurururumba bizatuma tutongera kwizera Abanyarwanda bihishemo Inkotanyi. Ibyo bisaba inzego zose gukorana. Birababaje kubona umunyamakuru avuga ko runaka ari inyangarwanda, ibimenyetso ari byose, ahubwo akoherezwa gusangira umuceri n'ibisambo muri ya nzu yo mu Muhima.

Ziriya nkotanyi zindi zo zirababaje zimaze imyaka 17 kugeza kuri 31 zitagera mu gihugu. U Rwanda rwarahindutse cyane kuva icyo gihe cyose. Iyo umurururumba n'ubwenge buke bitimikwa imbere, ntabwo zari guhangara u Rwanda. Cyakora nk'uko Perezida Habyarimana abivuga, iyi ntambara igomba gutuma ikibazo cy'impunzi gikemurwa burundu ku buryo bwihutirwa.

Abanyarwanda bategereje kureba ukuntu Kajeguhakwa, Bizimungu, Kanyarengwe (inkotanyi zo muri F.P.R.) na Majyambere (inkotanyi yo muri U.P.R., ishyaka yashinze amaze kumwara) bazajya kwiyandikisha ku malisiti y'impunzi!! Murabe maso tutazagambanirwa!!

Mu gihe rero amashyaka menshi yemewe, Abanyarwanda twagombaga kuba maso koko. Semusambi we ngo amashyaka ashingiye ku moko n'uturere ngo nta kibazo. Ese yari azi ko no mu Burayi abafite amashyaka yitiriwe uturere n'amoko babita abavangura (séparatistes) ku buryo batemerewe gutorwa! Amashyaka menshi yego!! Ariko Inkotanyi zibumbiye muri F.P.R. (Front Patriotique Rwandais) na U.P.R. (Union du Peuple Rwandais) n'andi azaza asa nayo. Oya. Gahunda y'inkotanyi z'inyenzi twarayibonye! Ni Abarunari (UNARISTES) b'ubu.

Amakosa yakozwe na bamwe mu Banyarwanda akosowe, ntitwakongera kugira ibibazo turimo, inyenzi zagenda nk'amahembe y'imbwa, maze tugatunga tugatunganirwa.

NSENGIYUMVA — KIGALI

HANGIMANA NA MUTSINZI AHO BO NI SHYASHYA?!

Muti bite rero na bariya basore HANGIMANA na MUTSINZI.

Bariya bantu nta handi mbazi uretse mu buryo bagiye biyerekana no mu byo bagiye bandika uretse ko iyo wumvise umuntu avuga cyangwa ugasoma ibyo yandika uhita umenya uwo ariwe nyabyo uretse ko MUTSINZI we numva ko anakorera Leta muri Parquet Général ya Cour d'Appel y'i Kigali itegekwa na Prokireli NKUBITO.

Amakaramu ya bariya bahungu rero yatumye ngenda nibaza ku cyo bagamije nyacyo, niba ari itangazamakuru cyangwa niba bahishemo ikindi, ibyo bibazo byagiye bibera insobe n'urujijo abantu uko ibihe byagiye bisimburana kuva aho batangiriye muri KANGUKA, iyi yavumburwaga bakiyoberanya bakayihindura IJAMBO kugeza muri ibi bihe turimo twaroshywemo n'inyenzi n'ibyitso byazo. Ibyo bibazo nagirango mbyibarize ku mugaragaro n'abandi babyumve kandi na bene ubwite bazagire icyo babidusobanuriraho, kutaniganwa ijambo birashyigikiwe rwose.

1. Bariya bahungu batangiye muri KANGUKA bakorana byuzuye n'Inkotanyi RWABUKWISI wihimbye RAVI. Inkotanyi sinjye urimwise ubwe yabyigambye mu rukiko ko ariyo kandi ko akarengane k'impunzi kamugeze ku mutima (*«j'épouse entièrement la cause des réfugiés», a-t-il déclaré!?).*

Aho KANGUKA imigambi yayo NGEZE ayivumburiye akayishyira ahagaragara n'abanyarwanda tukibonera ko umuntu (RAVI) ujya kwifotozanya n'inyenzi nkuru ariyo KIGERI nta handi aba adukinze. HANGIMANA na MUTSINZI kuko bakomeje umutsi bakiyoberanya icyitwaga KANGUKA bakacyita Ijambo? – dore ko byose ari kimwe uretse umutware wabo RAVI wari ubuzemo uretse ko nawe yari afunze gusa naho ibindi byose ni kimwe kuko na RWIGARA Assinapol wabafashaga muri KANGUKA yarakomeje mu Ijambo.

2. Kuki Inyangarwanda RWIGARA yabateraga inkunga nk'uko bigaragara ku bifuniko by'Ijambo nº 2,

KA02 1130

KA021130

3, 4, aho mwamamazaga n'itabi rye S.M. mwatwemeza mute ko atigeze abavungurira ku migambi ye?

3. Tuvuge ko musubije ko yabahaga amafaranga namwe mukamukorera *publicité, c'est tout.* None se inoti ze mwariye, *publicité* mukaba mwarayiretse ubwo si ubuhemu kandi ko ntawe ubemukira umunywanyi? Kandi ubwo nta n'ubwo mwayamusubije dore ko inda mbi y'ifaranga izata bamwe ku gasi! Mbese ubwo yari yabahaye utumiriyoni tungahe ra? Ngo ko yari asigaye atanga atitangiriye itama kuwemeraga kumufasha wese?

4. Ibyo tubiveho noneho mudusobanurire Kontaro mwagiranye n'Inyangarwanda MAJYAMBERE Silas ku byo mwari kujya mwandika mu gihe cy'intambara (reba KANGURA n° 4, urup. 4). Ngaho nimubiduhe neza cyangwa mwihe kubihakana umunyamakuru kabuhariwe NGEZE abatamaze! MUTSINZI se, ba ari wowe utangira guhakana twumve wifashishije ya telegaramu y'akababaro wohereje MAJYAMBERE mu Ijambo nibagiwe numero ryo kibagirana, umusezeranya ko natsinda «iyi ntambara» uzamwita MUTSINZI, mukitiranwa kuko wowe wayitsinze ukaba usogota inka Leta ariyo unywa amata (iguhemba). Koko nta soni MUTSI, tu quoque Fili mi! Yewe koko umwanzi ntanyurwa kandi koko umwanzi umuha amata akaruka amaraso!

5. Tutarasuzuma izo kontaro se, ibyo mwandikaga muri iyi ntambara ntibihagije kugira ngo umuntu amenye uko zari ziteye? Namwe murabona urugamba rwahinanye, muzi amwe mu mayeri inyangarwanda zakoresheje zigura ibinyamakuru byo hirya no hino ngo biduharabike, namwe mugashabukira kuturangaza mudusubirira mu byo inyenzi zanditse cyangwa zandikishije kandi mwerekana ko mubigize ibyanyu. Ese nk'umunyamabanga mukuru wa MRND mwaharabitse kariya kageni, bigatagaye ko ibyamuvuzweho ari ibigambo mwarigitiira he? Niba rero mufite ibimenyetso by'ibyo mwamureze (gufatanya n'inyangarwanda), mubishyikirize vuba ka kanama kajonjora kayobowe na Prokireli NKUBITO nako gakore akazi kako. Niba mubibuze mukaba mwaramusebereje ubusa rero, namwe ababishinzwe ntibagombye gukomeza kubarebera kuko ibyo aribyo byose icyo mwari mugamije kiraharI

Koko murabona umwanzi aratwugarije mukihutira kutwigisha ko Muvoma ikwiye kwegura mubona abana bayo bari ku rugamba baturwanirira. Ese ubwo iyo niyo ngabo mwababoneye yo kubatera mu bitugu. Yewe n'akumiro! MUTSINZI ati ubwoko nibuve mu marangamuntu. Ikibazo si aho kiri; ahubwo buri munyarwanda nazerwe ishema kandi yishimire ubwoko Imana yamuhaye. Naho ubundi kwihakana ubwoko bwawe ngo uzabwemere ari uko mufashe ubutegetsi, biteye agahinda. Njye ngahamya rero ko amarangamuntu arengana, *c'est taper à côté de la vraie solution.* Cyakora ubwo inyenzi zabisabye ntituzayoberwa icyo zibishakira; dupfa kuba maso mwabagabo mwe, kuba ibisekeramwanzi bikajyana n'iyi ntambara! Eh, reka tugaruke kubyo twarimo, tubaze akandi kabazo MUTSINZI na HANGIMANA.

6. Mu Ijambo n° 7 ku rupapuro rwa 9, aho mwanditse ngo HABIMANA na KANYARENGWE, ko mwatujijishije ntimutubwire icyo mwashatse kubwira abasomyi? Kuko muri iyo nyandiko murivugira amabwiriza n° 2420/1.09/III yo kuwa 25/10/1973 ya Minisitiri w'Ubucamanza w'icyo gihe nirubone aho bihuriye n'irya titre. Kujijisha abantu kuri ubwo buryo se uwavuga ko hari aho bihuriye na ya kontaro mwakoranye na MAJYAMBERE y'ibyo muzajya mwandika mu ntambara murangaza ba Militantes na ba Militants, yaba yibeshye he? Muhadusobanurire.

7. Akabazo ka nyuma nakabikiye MUTSINZI, atubwire icyo apfa n'ikinyamakuru INTERA, kuko mu Ijambo n° 7 nabonye acyikoreye ngo cyarwanyije amashyaka. Ese ko INTERA yatangaje ibitekerezo by'abasomyi, urabona utayihohotera? Ubwo se ibi bibazo byumvikana mbibarije nibibashyira hasi mugakanja amanwa, uzajyaho ubyitirire NGEZE Hassan cyangwa Ikinyamakuru KANGURA!? Waba ushakisha cyangwa urimanganya uyobya uburari.

Naho ubundi humura amashyaka yawe rwose azaza n'agakiza uyategerejemo uzakabona. Tangira urye umunyu ndetse ushinge n'iryo ushaka kuko numvise MRND mutayicira akari urutega. Cyakora Rubanda rwibagirwa vuba koko «*le monde est ingrat*» uretse ko abanyarwanda ntawadushuka ngo nuko azi kunoza akarimi ngo twibagirwe ibyiza byose MUVOMA yatugejejeho.

Umwanzuro:

Ngibyo rero bimwe mu byo bamwe bibaza kuri bariya bahungu. Ntawabimara inyuma ariko umuntu ntiyabura kwibaza ukuntu hari abantu banambiye kuri Stade Régional ya Kigali igihe cya wa mukwabu kubera kubura permis de résidence nyamara abantu bagaragaraho ibimenyetso bacyidegembya hanze. Simbifuriza ikibi rwose, ariko nabo ka kanama kajonjora kuki katabumva kasanga nabo nta «bimenyetso bihagije bibashinja» kakabarekura bakikomereza ibyabo.

Ikindi kandi Leta yari ikwiye kwihutisha ya mategeko azagenga abanyamakuru kuko ubukarasi mu itangazamakuru burakabije. Njye sinemera ko ubonetse (ubishatse) wese agomba kuba umunyamakuru. Ni umwuga *quand même qu'il faut respecter*. Naho ubundi natwe nidusanga harimo akamiya, tuzareka ibyo twakoraga nako tuzabangikanya ibyo twakoraga n'ubunyamakuru dore ko ubanza bitabujijwe kuba umukozi wa Leta ukabifatanya no kuba umunyamakuru wigenga. Ariko kandi nibutse bamwe mu biyita abanyamakuru ko ayo mategeko y'itangazamakuru atazaza avanaho amategeko dusanganywe ateganya ibyaha n'ibihano byabyo mu Rwanda.

Ibindi ubundi, tuvumbura n'ibindi byitso bikigira nyoni nyinshi. Dukomeze tube maso rero. Murakoze.

Umusomyi wa KANGURA

BURAYOBERA Victor

Commune Nyarugenge KIGALI

T UBYIBAZEHO!

Mu migambi inkotanyi zâri zifite, harimo kugura amazu n'imodoka bya Leta, ubwo Leta yari imaze kugaragaza ko igomba kubigurisha. Iby'amazu byari bitaraba ariko batangiye kwibaza uwaba yaratanze icyo gitekerezo cyo kuroha Leta.

Ku byerekeye imodoka byo ni ibindi!

Iza MINEPRISEC nyinshi zaragurishijwe n'izindi. Ese ababa baraziguzemo nyinshi aho umuntu yabashira amakenga?

SPECIAL SONDAGE D'OPINION

Nk'uko dusanzwe tubigenza no mu yandi ma nimero yahanjuje iyi dusanze ari ngombwa ko abasomyi bacu batubwira icyo batekereza ku butegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage bukorera abaturage. Mutwoherereze ibyo bisubizo rero kugira ngo tumenye icyo mu bitekerezaho.

IBIBAZO

1. AMAHORO

(1) Hko ubihona, ubu mu Rwanda hari amahoro?
Yego Oya

(2) Niba ntayo, ni kuki? .....

.....

.....

(3) Wavuga iki ku bucamanza mu Rwanda?
1. Bukora neza
2. Abacamanza barva ruswa
3. Hari abacamanza batazi amategeko
4. Imanza zitinda gucibwa
5. Zitinda kurangizwa
6. Ibindi: .....
(sobanura) .....

(4) Ino mufite umutekano? Yego Oya

(5) Niba ntawo, biterwa n'iki?
1. Ubujura bukabije
2. Ubusinzi n'urugomo
3. Ubwicanyi
4. Ibindi

(6) Wituza ko hakorwa iki? .....

.....

(7) Mbese ubona abanyarwanda bose bareshya imbere y'amategeko? Yego Oya

(8) Niba batareshya,

.....

.....

(9) Byavuriwa n'iki .....

(10) Ese urushyira ukizana? Yego Oya

(11) Kuki (niba ari oya)?
1. Simvuga ntishisha icyo nshaka
2. Sinandika icyo nshaka mu binyamakuru
3. Nzira idini ndimo
4. Singya aho nshaka
5. Nabuze akazi kandi mfite imbaraga zo gukora
6. Ibindi .....
Sobanura

(12) Wavuga iki kuri ruswa? .....

(13) Yavanwaho n'iki?

(14) Ino haba hari ubwitonde bushingiye:
14.1 ku moko? Yego Oya
14.2 ku madini? Yego Oya
14.3 ku nkomoko? Yego Oya

(15) Niba nyirmo, bwacika bute? .....

.....

(16) Mwabona u Rwanda rwaraguye amarembo bihagije? Oya Yego

(17) Uyu ni ku mubano waru n'ubuhuru duturanye?

.....

.....

(18) Kugira aho tubogamiye bitumariye iki?

.....

(19) Urabona ko u Rwanda rwakomeza gushyigikira politiki yo gukemura amakimbirane mu mishyikirano? Yego Oya

(20) Ushaka ko u Rwanda rushyigikira rute abaturage cyangwa ibihugu bigamije kwigobotora ingoyi ya gikolonize?

.....

2. UBUMWE

(21) Hko ubihona ubu, abanyarwanda bafite ubumwe?
Yego Oya

(22) Mu karere konyu hari ikibazo cy'amoko kigihari?

(23) Ubona ari ngombwa ko umunyarwanda akomeza kurangwa ni uko ari umohutu, umututsi cyangwa umutwa? .....

(24) Ubona hakiri inzangano zirangwa hagati y'iturere mu Rwanda? .....

(25) Politiki yiringaniza hagati y'iturere mu n'amoko urayemera? Yego Oya

(26) Hko iringaniza rikorwa ubu: mu gutanga imyanya mu Leta, mu mashuri, mu gukwirakwiza imishinga mu turere tw'u Rwanda, mu nguzanyo mu mabanki, ubundi se iki?
26.1 .....
26.2 .....
26.3 .....

(27) Urabona umutungo w'igihugu usaranganyijwe nta busumbane mu moko no mu turere tw'igihugu?
Yego Oya

(28) Sobanura kandi utange ho n'icyifuzo cyawe.
28.1 .....
28.2 .....

(29) Ubona umuco wo guhakwa, ubutiriganya n'amatiku byaracitse mu Rwanda? Yego Oya

(30) Niba bitaracitse hakorwa iki? .....

(31) Ni ubuhe buryo burusha ubundi kubumbatira ubumwe bw'abanyarwanda?
1. Umuriwe mwe rukumbi
2. Amashyaka menshi

Observation:

3. AMATAVAMBERE

(32) Kuva aho M.R.N.D. ivuze, ubona yaratoje u Rwanda imbere? Yego Oya

(33) Ubona imitekerereze y'abaturarwanda ihuje n'iyihe tugezemo? Yego Oya

(34) Sobanura .....
.....

(35) Uko ubona abanyarwanda bize amashuri bashishikarira umurimo? Yego Oya

(36) Niba ari oya, biterwa n'iki?
.....

(37) Uburezi mu Rwanda bwageze ku ntego yabwo yo gutegura urubyiruko kugira uruhare rugaragara mu kongera umusaruro? Yego Oya

(38) Sobanura: .....
.....

(39) Uko ubona umunyarwanda ushaka kunonosora ubumenyi bwe yo gukora ubushakashatsi biramworoheye? Yego Oya

(40) Sobanura: .....

(41) Ibigo bya IGA byamuriye iki abaturage?
.....
.....

(42) Ubona amashuri ari'aho n'ubukenzi byitaweho ku buryo bukwiye? Yego Oya

(43) Sobanura: .....
.....

(44) Tanga ingero z'ibyiza dukura mu muco w'ahandi:
.....

(45) Tanga ingero z'ibibi bitarutse hanze bivanduje umuco wacu?: .....
.....

(46) Umunyarwandakazi ageze he mu maivambere?
(Sobanura): .....
.....

(47) Ni iki uzi Muvoma yakoze kugira ngo irengere umurvango mu rwego rw'amategeko?
(Sobanura): .....
.....

(48) Uratekereza iki ku rugaga rw'abakozi(CESTRAR)?
.....
.....

(49) Ubona abanyarwanda bafite uburyo buhagije bwo gutembera no gutumanaho bitabahenze kandi biboroheye? Yego Oya

(50) Niba bidahagije ubona hakorwa iki?
1. ..... 2. .....
3. ..... 4. .....
5. .....

(51) Hakorwa iki kugira ngo bikosorwe?
1. ..... 2. .....
3. .....

(52) Ese urabona gutura neza kandi beza byaragezweho?
Yego Oya

(53) Sobanura:
1 .....
2 .....

(54) Wavuga iki ku gitekerezo cyo gutuza abantu mu midugudu? .....
.....

(55) Ubona ibyo gufashirize abatishoboye iwabo bishoboka? Yego Oya

(56) Ubona ikibazo cyabo cyakemurwa gute?
1. ..... 2. .....

(57) Ubona ari iki cyatumye Leta itagira uburyo n'ubushobozi bihagije mu kongera ubukungu n'imari by'igihugu?
1. ..... 2. .....
3. ..... 4. .....

(58) Ubona abanyarwanda bose bitabira umurimo cyane cyane iwabo? Yego Oya

(59) Niba ari oya, ubona biterwa n'iki?
1 .....
2 .....
3 .....
4 .....

(60) Gira icyo uvuga k'Umuganda?
1 ..... 2 .....
3 ..... 4 .....

(61) Ese ubu ubona ata muntu ukinvumvuza imitsi y'undi? Yego Oya

(62) Niba yego, tanga ingero: .....
.....

(63) Byakizwa n'iki? 1 .....
2 ..... 3 .....

(64) Ese uruhare rw'umuturage mu igena migambi ruragaragara? Yego Oya

(65) Ese urabona umukanda wubahirizwa mu micungire y'umutungo wa Leta? Yego Oya

(66) Niba ari oya, kuki utubahirizwa?
1. ..... 2. .....
3 .....

(67) Ese uko ubona umukanda mu mutungo bwite wa buri muntu wubahirizwa na bose? Yego Oya

(68) Kunyereza umutungo w'igihugu n'ingeso yo gukizwa n'iby'abandi byakurwaho n'iki?
1. .....
2. .....
3. .....

(69) Urabona imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi iri mu karere konyu imariye iki abaturage?
1 ..... 2.
3. .....

KA02 1132

KA02 1132

(70) Kuki kwihaza mu biribwa bitagerwaho?

1. ..... 2. .....

3. .....

3.4. IBYEREKEYE POLITIKI

(71) Wumva iki iyo bavuze «démocratie-responsable»?

1. .....

2. .....

(72) Hari icyo wavuga ku buryo: abayobozi ari abatorwa, ari n'abashyirwaho, bajyaho?

1. .....

2. .....

(73) Hari icyo uvuga ku mitunganyirize y'amatora?

.....

.....

(74) Uko inzego z'ubutegetsi bwa Leta zikora biragushimisha?

74.1. Segiteri: Yego Oya

74.2. Komini: Yego Oya

74.3. Perefegitura: Yego Oya

74.4 Minisiteri: Yego Oya

74.5. Inama y'igihugu ihanira amajyambere: Yego Oya

(75) Tanga icyifuzo: .....

.....

(76) Uko inzego z'ubuyobozi bwa Muvoma zikora biragushimisha?

76.1 Komite ya Selire : Yego Oya

76.2 Komite ya Segiteri : Yego Oya

76.3 Komite ya Komini: Yego Oya

76.4. Komite ya Perefegitura: Yego Oya

76.5 Komite Nyobozi: Yego Oya

76.6 Perezidansi ya Muvoma Yego Oya

(77) Tanga icyifuzo: .....

.....

(78) Ese ubona ibyemezo byose bifatwa mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta na Muvoma bishingira ku byifuzo by'abaturage? Yego Oya

(79) Niba ari oya, kuki?

.....

.....

(80) Kuba Konseye, Burugumesitiri na Perefe bakomatanyije imirimo y'ubutegetsi n'ubuyobozi bwa Muvoma, ubivugaho iki?

.....

.....

(81) Ese ubona umubare w'abagize inzego z'ubutegetsi n'ubuyobozi ari benshi?

81.1 Komite ya selire: Yego Oya

81.2 Komite ya segiteri: Yego Oya

81.3 Komite ya komini: Yego Oya

81.4 Komite ya perefegitura: Yego Oya

81.5 Guverinoma: Yego Oya

81.6 C.N.D.: Yego Oya

81.7 Komite nyobozi: Yego Oya

(82) Kuba umuntu umwe aboneka mu nzego nyinshi z'ubuyobozi, ubona ntacyo bitwaye?

(83) Vuga icyo utekereza k'umubare w'inama zikoreshwa mu nzego z'ubutegetsi n'iza politiki?

.....

.....

(84) Ubona imyifatire ya buri wese ibonereye amajyambere y'igihugu? Yego Oya

(74) Uko inzego z'ubutegetsi bwa Leta zikora biragushimisha?

74.1. Segiteri: Yego Oya

74.2. Komini: Yego Oya

74.3. Perefegitura: Yego Oya

74.4. Minisiteri: Yego Oya

74.5. Inama y'igihugu ihanira amajyambere: Yego Oya

(75) Tanga icyifuzo: .....

.....

(76) Uko inzego z'ubuyobozi bwa Muvoma zikora biragushimisha?

76.1 Komite ya Selire : Yego Oya

76.2 Komite ya Segiteri : Yego Oya

76.3 Komite ya Komini: Yego Oya

76.4. Komite ya Perefegitura: Yego Oya

76.5 Komite Nyobozi: Yego Oya

76.6 Perezidansi ya Muvoma: Yego Oya

(77) Tanga icyifuzo: .....

.....

(78) Ese ubona ibyemezo byose bifatwa mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta na Muvoma bishingira ku byifuzo by'abaturage? Yego Oya

(79) Niba ari oya, kuki?

.....

.....

(80) Kuba Konseye, Burugumesitiri na Perefe bakomatanyije imirimo y'ubutegetsi n'ubuyobozi bwa Muvoma, ubivugaho iki?

.....

.....

(81) Ese ubona umubare w'abagize inzego z'ubutegetsi n'ubuyobozi ari benshi?

81.1 Komite ya selire: Yego Oya

81.2 Komite ya segiteri: Yego Oya

81.3 Komite ya komini: Yego Oya

81.4 Komite ya perefegitura: Yego Oya

81.5 Guverinoma: Yego Oya

81.6 C.N.D.: Yego Oya

81.7 Komite nyobozi: Yego Oya

(82) Kuba umuntu umwe aboneka mu nzego nyinshi z'ubuyobozi, ubona ntacyo bitwaye?

(83) Vuga icyo utekereza k'umubare w'inama zikoreshwa mu nzego z'ubutegetsi n'iza politiki?

.....

.....

(84) Ubona imyifatire ya buri wese ibonereye amajyambere y'igihugu? Yego Oya

(85) Kuki bamwe mu bayobozi batajya inama n'abo bayobora?

.....

.....

(86) Ubona nta butegetsi buvogera ubundi?

.....

(87) Ubona abize amashuri bamariye iki rubanda nyamwinshi?

.....

.....

(88) Ubona abayobozi b'inzego za Muvoma bafite umwete n'ubwitange mu mirimo bakora?

.....

.....

(89) Ubona ibyo abayobozi bababoresha biba biteguwe ku buryo buhagije?

Yego Oya

(90) Sobanura: .....

.....

(91) Ubona abayobozi bo mu nzego za Muvoma bafitiwe icyizere n'abaturage?

Yego Oya

(92) Niba ntacyo, ni ukubera iki?

.....

.....

(93) Ubona abanyarwanda batumvise ko imbaraga zabo bwite arizo zibateza imbere?

Yego Oya

(94) Niba barabyumvise babishyira mu bikorwa bate?

.....

.....

(94 bis) Uravuga iki ku bakozi ba Leta bafite indi mirimo iruhande? .....

.....

.....

(95) Ese abategetsi babegereye bashyikiriza inzego zo hejuru ibibazo byanyu uko biri?

Yego Oya

(96) Sobanura: .....

.....

(97) Wituza ko ibinyamakuru byakwandika iki?

.....

(98) Wituza ko radiyo yavuga iki?

.....

(99) Ku bwawe wituza ko mu Rwanda twakemeza kugira umutwe umwe rukumbi wa Politiki cyangwa amashyaka menshi?

Umutwe umwe Amashyaka menshi

(100) Hari icyo uvuga k'ubutwererane tugirana n'ibindi bihugu ku bireba ubusugire bw'u Rwanda?

.....

.....

(101) Ni muzihe nzego ubutwererane bw'u Rwanda n'amahanga bwagize akamaro kagaragara?

.....

.....

(102) Izindi nzego zihutirwa ni izihe?

.....

.....

(103) Ubona abaduhagarariye mu mahanga barangiza neza ubutumwa bahawe?

Oya Yego

(104) Niba ari oya habuze iki?: .....

.....

(109) Muri rusange ubona Muvoma yakora iki ngo yivugurure? .....

.....

(105) Usbyigikiye ko amoko yakurwa mu irangamuntu?

Yego Oya

(106) Ni iki Leta y'u Rwanda yakora cyatuma iriva ntambara turwana n'inkotanyi ihagarara?

Subiza uko ubyumva

(107) Sexe: Masculin Féminin

(108) Age: (en années révolues): .....

(109) Profession (C.S.P.): .....

KA02 1133

KA02 1133

IBYO MURI RUBAVU NI AMAYOBERA !

Inama ya Komini Rubavu ntiziza gusa Burugumesitiri wayo kuba yarashyizweho ari umunyamahanga. Ahubwo iranamuziza ko imitegekere ye yaba atari shyashya.

Nimwisomere namwe iyi baruwa Abajyanama n'Abakozi ba Komini RUBAVU bandikiye Perefe tariki ya 29 Ukwakira 1990 bakanabimenyesha inzego z'ubutegetsi.

RUBAVU, LE 29/10/1990

Impamvu :

Gusaba kurenganurwa
muri Komini RUBAVU

Bwana Perefe wa Perefegitura GISENYI.

Bwana Perefe,

Tumaze kubona imyifatire mibi ya Burugumesitiri wa komini ya RUBAVU, muri ibi bihe by'intambara turimo, tubandikiye tubasaba ko mwaturenganura kubera impamvu zikurikira :

- Kuba mu manama yose akoresha asebya ba Konseye ngo agiye kubirukana, ndetse akagerekaho kutwita ibicucu, kimwe n'Abakozi ba Komini bityo bikaba bizana umwuka mubi mu baturage. N'ikimenyimenyi ni amanama yakoresheje ku matariki akurikira :

1. Tariki ya 11/10/1990 mu nama yahuje ba resiponsabure bose n'abagarura amahoro hamwe kandi n'abakonseye babo, ikaba yarateraniye ku biro bya Komini RUBAVU, hari inyandiko mpimbano yasomeye muri iyo nama avuga ko yayikuye kuri perefegitura, muri iyo nyandiko yibasiye bamwe mu bakonseye kimwe no muri bamwe mu bakozi ba komini. Yabwiye abari aho ko ba konseye ari ibicucu kandi ko abatse ubuhasha bwose bari bafite ngo kuko twamwise «UMURUNDI». Kandi twe ba Konseye twatangajwe n'uburyo yavugiye mu ruhame ko asheshe CESTRAR muri RUBAVU tukaba tutazi impamvu. Kandi ko nta mishyikirano azagirana na komite yayo mu bibazo by'abakozi yahagaritse.

2. Tariki ya 18/10/1990 mu nama yakoresheje muri segiteri ya MURARA na BULINDA, yavugiye mu ruhame asebya ba Konseye n'abakozi ba KOMINI ndetse avuga n'amazina yabo kandi asaba n'abaturage baje muri iyo nama ko bazagenda babyamamaza ngo nibo banditse ya barwa yasomwe tariki ya 11/10/1990 ari bo aba bakurikira :

   — HAKIZIMANA Fazili,
   — NTAHOBALI Ildephonse,
   — SINIBAGIWE François,
   — KABILIGI Stanislas,
   — MBABAJENDE Simon,
   GATEGEGE Manassé,
   — SEBAHIRE François,
   — NDIMUBANZI David,
   HABIMANA Ezéchiel,
   NTAMUHANGA Alfred, kimwe n'abandi atashatse kuvuga amazina.

3. Tariki ya 25/10/1990 mu nama yabereye kuri Sitade Umuganda yagombaga guhuza za segiteri GISENYI na BYAHI uwo munsi nabwo nta bindi yavuze uretse ibyo gutuka ba konseye ko ari amasiha n'ibicucu, ibyo byose akaba ari ibintu bitubabaje.

Bwana Perefe, tubabajwe no kubona burugumesitiri agenda abwira abaturage ko agiye guhindura ba konseye ba GISENYI, uwa RUGERERO n'uwa MURAMBI, bityo rero tukabona umutekano warabaye mubi mu baturage, mu gihe tumerewe nabi muri iki gihugu cyacu cyatewe n'inyanga Rwanda.

Kubera izo mpamvu twavuze haruguru; kimwe n'akababaro dufite, twiyemeje ibi bikurikira :

Twebwe ba konseye, tubamenyesheje ko tutazongera gukorana inama ya Komini na Burugumesitiri, uretse ko bishobotse inama ya komini yazaterana ariko Perefe amaze kuboneza imiwanzuro iki kibazo.

Bwana Perefe, turangije tubashimira imikorere myiza mudahwema kugaragaza mu bo muyobora, kandi turasaba ko mwaduha igisubizo vuba kuko ubu twacitse intege, mukaturenganura.

Natwe :
1. HAKIZIMANA Fazili, *Conseiller*
2. NTAHOBALI Ildephonse, *Conseiller*
3. SINIBAGIWE François, *Conseiller*
4. KABILIGI Stanislas, *Conseiller*
5. GATEGEGE Manassé, *Conseiller*
6. MBABAJENDE Simon, *Conseiller*
7. KANYABUTABO Ephrem, *Conseiller*

Abakozi babyumvise kandi bababajwe n'uwo mutekano muke muri komini :

1. SEBAHIRE François
2. NDIMUBANZI David
3. NTAMUHANGA Alfred
4. NDYAMIYAMENSHI Idi
5. HABIMANA Ezéchiel
6. IYAMUREMYE Wenceslas
7. NDAKAZA Boniface

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
KIGALI

Bwana Perezida wa Comission tekiniki ya Komini RUBAVU

Bwana Diregiteri Jenerari wa S.C.R. KIGALI

Bwana Burugumesitiri wa Komini ya RUBAVU.

NGO BAMWE MU BABOYI CYANGWA SE ABAYAYA NGO NI IBYITSO BY'INKOTANYI.

Iyi nkuru nyibagejejeho rugikubita kugira ngo ejo mutazapfa urubatunguye ngo *Kangura* ntiyababwiye.

BIMEZE BITE SE ?

Ziriya nkotanyi n'amayeri zari gukoresha ngo harimo no guha uburozi abakozi bo mu rugo maze itariki yazagera bagatsemba abo amasasu yari kuba yasize, bakoresheje uburozi. Ndetse ngo hari na bamwe mu baboyi bigishijwe imbunda mbere y'uko bashakirwa akazi, kuko nyuma y'uko batozwa ayo marorerwa yose, ibyitso by'inkotanyi byibera mu Rwanda byakoze uko bishoboye bibashakira akazi mu ngo zikomeye. Cyane ingo z'abategetsi, abanyabwenge n'abacuruzi. Si ababoyi bose ariko barimo. Ibyo n'ibivugwa n'Inkotanyi zifungiwe muri gereza ya Kigali.

Mbasabye ko mwagenzura aho ukuri guhererey, kuko agapfa kaburiwe ari impongo.

KA02 1134

KA021134



Son Excellence le Maréchal MOBUTU SESE SEKO KUKU NGBENDU WA ZABANGA, Président de la République du Zaïre et Président-Fondateur du Mouvement Populaire de la Révolution (M.P.R.).

... MUBYEYI WA ZAIRE ...

« Qui attaque le Rwanda attaque personnellement le Zaïre ! » a-t-il déclaré.